

<p><b>ITEGEKO N° 04/2011 RYO KUWA 21/03/2011 RYEREKEYE ABINJIRA N'ABASOHOKA MU RWANDA</b></p>	<p><b>LAW N° 04/2011 OF 21/03/2011 ON IMMIGRATION AND EMIGRATION IN RWANDA</b></p>	<p><b>LOI N° 04/2011 DU 21/03/2011 SUR L'IMMIGRATION ET EMIGRATION AU RWANDA</b></p>
<p><b>ISHAKIRO</b></p>	<p><b>TABLE OF CONTENTS</b></p>	<p><b>TABLE DES MATIERES</b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije</b></p>	<p><b><u>Article One :</u> Purpose of this Law</b></p>	<p><b><u>Article premier :</u> Objet de la présente loi</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo</b></p>	<p><b><u>Article 2:</u> Definitions</b></p>	<p><b><u>Article 2 :</u> Définitions</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3:</u> Ishyirwaho ry'imipaka</b></p>	<p><b><u>Article 3:</u> Establishment of border posts</b></p>	<p><b><u>Article 3 :</u> Détermination des postes-frontières</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4:</u> Imicungire y'imipaka</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Management of border posts</b></p>	<p><b><u>Article 4 :</u> Gestion des postes-frontières</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5:</u> Inzandiko z'inzira zemewe</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Valid travel documents</b></p>	<p><b><u>Article 5 :</u> Documents de voyage reconnus</b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: KWINJIRA, GUSOHOKA, KUBA NO GUTURA MU RWANDA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: ENTRY INTO, EXIT FROM STAY AND RESIDENCE.</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: ENTRER, SORTIR, SEJOURNER ET RESIDER AU RWANDA</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Ibikurikizwa mu kwinjira no gusohoka mu Rwanda</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Conditions for entry into and exit from Rwanda</b></p>	<p><b><u>Article 6 :</u> Conditions d'entrée et de sortie au Rwanda</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Kwimwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Refused a visa or a residence permit</b></p>	<p><b><u>Article 7 :</u> Se voir refuser un visa ou un permis de séjour</b></p>

<b><u>Ingingo ya 8:</u> Ibisabwa byerekeye ubuzima</b>	<b><u>Article 8:</u> Health requirements</b>	<b><u>Article 8 :</u> Conditions de santé</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Kugaragaza ubushobozi bwo kwitunga</b>	<b><u>Article 9:</u> Financial suport</b>	<b><u>Article 9 :</u> Conditions de ressources suffisantes pour se prendre en charge</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Ibyiciro bya viza n'impushya zo kuba mu Rwanda</b>	<b><u>Article 10:</u> Categories of visas and residence permits</b>	<b><u>Article 10 :</u> Catégories de visas et de permis de séjour</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Kwamburwa viza n'uruhushya rwo kuba mu Rwanda</b>	<b><u>Article 11:</u> Cancellation of a visa or residence permit</b>	<b><u>Article 11 :</u> Retrait de visa et de permis de séjour</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Umunyamahanga utemewe mu gihugu</b>	<b><u>Article 12:</u> Prohibited immigrant</b>	<b><u>Article 12 :</u> Immigrant interdit au pays</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Utifuzwa mu Rwanda</b>	<b><u>Article 13:</u> Undesirable person</b>	<b><u>Article 13 :</u> Personne indésirable</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Gusonerwa</b>	<b><u>Article 14:</u> Exemptions</b>	<b><u>Article 14 :</u> Exonérations</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Kwirukanwa k'umunyamahanga</b>	<b><u>Article 15:</u> Deportation of a foreigner</b>	<b><u>Article 15 :</u> Expulsion d'un étranger</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Kujuririra icyemezo cyo kwirukanwa</b>	<b><u>Article 16:</u> Appeal against the deportation order</b>	<b><u>Article 16 :</u> Recours contre la décision d'expulsion</b>
<b><u>UMUTWE WA III:</u> UBUBASHA N'INSHINGANO</b>	<b><u>CHAPTER III:</u> POWERS AND OBLIGATIONS</b>	<b><u>CHAPITRE III:</u> POUVOIRS ET OBLIGATIONS</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Ububasha bwa Ofisiye wa imigarsiyo</b>	<b><u>Article 17:</u> Powers of an Immigration Officer</b>	<b><u>Article 17 :</u> Pouvoirs d'un Officier d'immigration</b>

<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Inshingano z'ukoresha umunyamahanga	<b><u>Article 18:</u></b> Obligations of an employer of a foreigner	<b><u>Article 18:</u></b> Obligations d'un employeur d'un travailleur étranger
<b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Inshingano z'ikigo cy'ishuri	<b><u>Article 19:</u></b> Obligations of an institution of learning	<b><u>Article 19 :</u></b> Obligations d'un établissement d'enseignement
<b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Inshingano z'umuyobozi w'icumbi	<b><u>Article 20:</u></b> Obligations of a manager of accommodation facility	<b><u>Article 20 :</u></b> Obligations d'un directeur d'établissement de logement
<b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Inshingano z'umunyamahanga	<b><u>Article 21:</u></b> Obligations of a foreigner	<b><u>Article 21 :</u></b> Obligations d'un étranger
<b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Inshingano z'abatwara abantu	<b><u>Article 22:</u></b> Obligations of a travel agency	<b><u>Article 22 :</u></b> Obligations des compagnies de transport
<b><u>UMUTWE WA IV: INZANDIKO Z'INZIRA Z'U RWANDA N'UBURYO ZIKORESHA</u></b>	<b><u>CHAPTER IV: RWANDAN TRAVEL DOCUMENTS AND THEIR USE</u></b>	<b><u>UMUTWE WA IV : DOCUMENTS DE VOYAGE RWANDAIS ET LEUR UTILISATION</u></b>
<b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Itangwa n'igengwa by'inzandiko z'inzira	<b><u>Article 23:</u></b> Issuance and management of travel document	<b><u>Article 23 :</u></b> Délivrance et contrôle des documents de voyage
<b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Pasiporo	<b><u>Article 24:</u></b> Passport	<b><u>Article 24 :</u></b> Passeports
<b><u>Ingingo ya 25 :</u></b> Laissez-passer	<b><u>Article 25:</u></b> Laissez-passer	<b><u>Article 25 :</u></b> Laissez-passer
<b><u>Ingingo ya 26:</u></b> Laissez-passer rusange	<b><u>Article 26:</u></b> Collective laissez-passer	<b><u>Article 26 :</u></b> Laissez-passer collectif
<b><u>Ingingo ya 27:</u></b> ASC/ CEPGL	<b><u>Article 27:</u></b> ASC/CEPGL	<b><u>Article 27 :</u></b> ASC/CEPGL
<b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka	<b><u>Article 28:</u></b> Emergency travel document	<b><u>Article 28 :</u></b> Document de voyage d'urgence

<b><u>Ingingo ya 29:</u></b> Urwandiko rw'inzira rw'impunzi	<b><u>Article 29:</u></b> Refugee travel document	<b><u>Article 29 :</u></b> Titre de voyage pour réfugié
<b><u>Ingingo ya 30:</u></b> Urwandiko rw'inzira rw'uturiye imbibi	<b><u>Article 30:</u></b> Border pass	<b><u>Article 30 :</u></b> Documents transfrontaliers
<b><u>Ingingo ya 31:</u></b> Guhindura imiterere y'urwandiko rw'inzira	<b><u>Article 31:</u></b> Changing a travel document	<b><u>Article 31 :</u></b> Changement d'un document de voyage
<b><u>Ingingo ya 32:</u></b> Ibindi byiciro by'inzandiko z'inzira	<b><u>Article 32:</u></b> Other categories of travel documents	<b><u>Article 32 :</u></b> Autres sortes de documents de voyage
<b><u>Ingingo ya 33:</u></b> Ikiguzi n'ibisabwa ku nzandiko z'inzira	<b><u>Article 33:</u></b> Fees and requirements for travel document	<b><u>Article 33 :</u></b> Coût et conditions pour l'obtention des documents de voyage
<b><u>Ingingo ya 34:</u></b> Uburenganzira ku rwandiko rw'inzira	<b><u>Article 34:</u></b> Entitlement to a travel document	<b><u>Article 34:</u></b> Droit à un document de voyage
<b><u>Ingingo ya 35:</u></b> Kujuririra icyemezo cyo kwimwa urwandiko rw'inzira	<b><u>Article 35:</u></b> Appeal against a decision of refusing issuance of a travel document	<b><u>Article 35:</u></b> Recours contre la décision de refus d'un document de voyage
<b><u>Ingingo ya 36:</u></b> Gutakaza urwandiko rw'inzira	<b><u>Article 36:</u></b> Loss of a travel document	<b><u>Article 36 :</u></b> Perte d'un document de voyage
<b><u>UMUTWE WA V: IBYAHA, AMAKOSA N'IBIHANO</u></b>	<b><u>CHAPTER V: OFFENCES, FAULTS AND PENALTIES</u></b>	<b><u>CHAPITRE V: INFRACTIONS, FAUTES ET PEINES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 37:</u></b> Ibyaha rusange	<b><u>Article 37:</u></b> General offences	<b><u>Article 37 :</u></b> Infractions générales
<b><u>Ingingo ya 38:</u></b> Kubeshya kugira ngo ubone icyangombwa giteganywa n'iri tegeko.	<b><u>Article 38:</u></b> Providing false information to obtain a document under this Law	<b><u>Article 38:</u></b> Donner une fausse information afin d'obtenir un document prévu par la présente loi.

<b><u>Ingingo ya 39:</u> Umunyamahanga wanze kuva mu Rwanda</b>	<b><u>Article 39:</u> Refusal by a foreigner to leave Rwanda</b>	<b><u>Article 39:</u> Refus par un étranger de quitter le Rwanda</b>
<b><u>Ingingo ya 40:</u> Gukoresha ubizi umunyamahanga utemerewe gukora</b>	<b><u>Article 40:</u> Employing a foreigner knowing that he or she is not authorized to work</b>	<b><u>Article 40 :</u> Employer volontairement un étranger non autorisé à travailler</b>
<b><u>Ingingo ya 41:</u> Kwigana urupapuro ruvugwa muri iri tegeko</b>	<b><u>Article 41:</u> Forgery of a document referred to in this Law</b>	<b><u>Article 41 :</u> Contrefaçon d'un document prévu par la présente loi</b>
<b><u>Ingingo ya 42:</u> Umunyamahanga wirukanywe akagaruka atabifitiye uruhushya</b>	<b><u>Article 42:</u> Deportation of a foreigner who re-enters illegally</b>	<b><u>Article 42:</u> Etranger expulsé revenant clandestinement</b>
<b><u>Ingingo ya 43:</u> Gukora no gukoresha ibyangombwa bivugwa muri iri tegeko</b>	<b><u>Article 43:</u> Falsification and using a falsified document mentioned in this Law</b>	<b><u>Article 43 :</u> Falsifier et faire falsifier des documents prévus par la présente loi</b>
<b><u>Ingingo ya 44:</u> Kwanga gusubiza urwandiko rw'inzira</b>	<b><u>Article 44:</u> Refusal to return a travel document</b>	<b><u>Article 44 :</u> Refus de remettre un document de voyage</b>
<b><u>Ingingo ya 45:</u> Kwangiza urwandiko rw'inzira</b>	<b><u>Article 45:</u> Damaging a travel document</b>	<b><u>Article 45 :</u> Dégradation d'un document de voyage</b>
<b><u>Ingingo ya 46:</u> Gukoresha urwandiko rw'inzira n'umuntu utari nyirarwo</b>	<b><u>Article 46:</u> Use of a travel document of another person</b>	<b><u>Article 46 :</u> Utilisation d'un document de voyage d'une autre personne</b>
<b><u>Ingingo ya 47:</u> Gutanga icyangombwa ku muntu utabyemerewe</b>	<b><u>Article 47:</u> Issuing a travel document to an unauthorized person</b>	<b><u>Article 47 :</u> Délivrance d'un document à une personne non autorisée</b>
<b><u>Ingingo ya 48:</u> Amakosa akurikiranwa n'Ubuyobozi Bukuru</b>	<b><u>Article 48:</u> Offences which are in the competence of the Directorate General</b>	<b><u>Article 48 :</u> Fautes poursuivies par la Direction Générale</b>

<p><b><u>Ingingo ya 49:</u> Kutubahiriza ibivugwa mu ingingo ya 48 y'iri tegeko</b></p> <p><b>UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 50:</u> Ibikorwa byakozwe mbere yuko iri tegeko ritangira gukurikizwa</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 51:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 52:</u> Ivanwaho ry'amategeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 53:</u> Gutangira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 49:</u> Violation of the provisions of Article 48 of this Law</b></p> <p><b>CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b></p> <p><b><u>Article 50:</u> Activities performed prior to the commencement of this Law</b></p> <p><b><u>Article 51:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b></p> <p><b><u>Article 52:</u> Repealing provision</b></p> <p><b><u>Article 53:</u> Commencement</b></p>	<p><b><u>Article 49:</u> Non-respect des dispositions de l'article 48 de la présente loi</b></p> <p><b>CHAPITRE VII : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</b></p> <p><b><u>Article 50:</u> Actes antérieurs à l'entrée en vigueur de la présente loi</b></p> <p><b><u>Article 51 :</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b></p> <p><b><u>Article 52 :</u> Disposition abrogatoire</b></p> <p><b><u>Article 53 :</u> Entrée en vigueur</b></p>
---	---	---

<p><b>ITEGEKO N° 04/2011 RYO KUWA 21/03/2011 RYEREKEYE ABINJIRA N'ABASOHOKA MU RWANDA</b></p>	<p><b>LAW N° 04/2011 OF 21/03/2011 ON IMMIGRATION AND EMIGRATION IN RWANDA</b></p>	<p><b>LOI N° 04/2011 DU 21/03/2011 SUR L'IMMIGRATION ET EMIGRATION AU RWANDA</b></p>
<p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p>	<p><b>We KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p>	<p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République;</p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA</b></p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT:</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT:</b></p>
<p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 18 Mutarama 2011;</p>	<p>The Chamber of Deputies, in its session of 18 January 2011;</p>	<p>La Chambre des Députés, en sa séance du 18 janvier 2011;</p>
<p>Umutwe wa Sena, mu nama yayo yo kuwa 07 Gashyantare 2011 ;</p>	<p>The Senate, in its session of 07 February 2011 ;</p>	<p>Le Sénat, en sa séance du 07 février 2011 ;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 23, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92 , iya 93, iya 95, iya 108, iya 169, iya 172, iya 189 n'iya 201;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 23, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95,108, 169, 172, 189 and 201;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 23, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 169, 172, 189 et 201;</p>

<p>Ishingiye ku masezerano mpuzamahanga yo kurengera uburenganzira bw'abakozi b'abimukira n'ubw'imiryango yabo yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye mu cyemezo cyayo n° 45/158 cyo kuwa 18 Ukuboza 1990 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 33/01 ryo ku wa 17/05/2010;</p>	<p>Pursuant to the International Convention on the Protection of the Rights of All Migrant Workers and Members of Their Families which was adopted by the United Nations General Assembly Resolution 45/158 of 18 December 1990 as ratified by the Presidential Order n° 33/01 of 17/05/2010;</p>	<p>Vu la Convention internationale sur la protection des droits de tous les travailleurs migrants et des membres de leurs familles adoptée par l'Assemblée Générale des Nations Unies dans sa résolution 45/158 du 18 décembre 1990 telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 33/01 du 17/05/2010 ;</p>
<p>Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi yashyiriweho umukono i Genève ku wa 28 Nyakanga 1951, yemerewe gukurikizwa na Repbulika y'u Rwanda n'Itegeko-Teka n° 29/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 1979, ryemejwe n'itegeko n° 01/82 ryo ku wa 26 Mutarama 1982;</p>	<p>Pursuant to the International Convention Relating to the Status of Refugees signed at Geneva on 28 July 1951, as ratified by the Republic of Rwanda by the decree-Law n° 29/79 of 22 October 1972, confirmed by Law n° 01/82 of 26 January 1982;</p>	<p>Vu la Convention Internationale relative au statut des réfugiés signée à Genève le 28 juillet 1951 telle que ratifiée par la République du Rwanda par le décret-loi n° 29/79 du 22 octobre 1972 confirmée par la loi n° 01/82 du 26 janvier 1982 ;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 30/2008 ryo kuwa 25/7/2008 ryerekeye ubwenegihugu nyarwanda;</p>	<p>Pursuant to Organic Law n° 30/2008 of 25/7/2008 relating to Rwandan nationality;</p>	<p>Vu la Loi Organique n° 30/2008 du 25/07/2008 portant code de la nationalité rwandaise ;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 53/2008 ryo kuwa 02/09/2008 rishyiraho Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere yarwo nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;</p>	<p>Pursuant to Organic Law n° 53/2008 of 02/9/2008 establishing Rwanda Development Board (RDB) and determining its responsibilities, organization and functioning as modified and complemented to date ;</p>	<p>Vu la Loi Organique n° 53/2008 du 02/09/2008 portant création de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda (RDB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour ;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko n° 26/2005 ryo kuwa 17/12/2005 ryerekeye guteza imbere no korohereza ishoramari no kohereza ibintu mu mahanga;</p>	<p>Pursuant to Law n° 26/2005 of 17/12/2005 relating to investment and export promotion and facilitation;</p>	<p>Vu la Loi n° 26/2005 du 17/12/2005 portant promotion et facilitation des investissements et des exportations ;</p>



<p>Ishingiye ku Itegeko n° 34/2001 ryo kuwa 05/07/2001 ryerekeye impunzi nk’uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu;</p> <p>Isubiye ku Itegeko n°17/99 ryo kuwa 16/8/1999 ryerekeye abinjira n’abasohoka;</p> <p><b>YEMEJE:</b></p> <p><b><u>UMUTWE WA MBERE</u> : INGINGO RUSANGE</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije</b></p> <p>Iri tegeko rigenga abinjira n’abasohoka mu Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by’amagambo</u></b></p> <p>Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1° <b>“Imbibi”</b>: inkiko z’u Rwanda;</p> <p>2° <b>“Umupaka”</b>: ahantu hagenwe n’amategeko, umuntu anyura yinjira cyangwa asohoka mu gihugu;</p>	<p>Pursuant to Law n° 34/2001 of 05/07/2001 relating to refugees as modified and complemented to date;</p> <p>Having reviewed Law n° 17/99 of 16/08/1999 on Immigration and Emigration;</p> <p><b>ADOPTS:</b></p> <p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article One</u> : Purpose of this Law</b></p> <p>This Law regulates immigration and emigration in Rwanda.</p> <p><b><u>Article 2: Definitions</u></b></p> <p>For the purpose of this Law, the following terms shall mean:</p> <p>1° <b>“ Border”</b>: national boundaries of the Republic of Rwanda;</p> <p>2° <b>“ Border post ”</b>: a place prescribed by Law where a person passes when entering or exiting the country;</p>	<p>Vu la Loi n° 34/2001 du 05/07/2001 sur les réfugiés telle que modifiée et complétée à ce jour ;</p> <p>Revu la Loi n° 17/99 du 16/8/1999 portant sur l’Immigration et Emigration ;</p> <p><b>ADOPTÉ :</b></p> <p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></b></p> <p><b><u>Article premier</u> : Objet de la présente loi</b></p> <p>La présente loi régit l’immigration et l’émigration au Rwanda.</p> <p><b><u>Article 2 : Définitions</u></b></p> <p>Aux termes de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes :</p> <p>1° <b>“Frontière ”</b>: délimitation du territoire de la République du Rwanda ;</p> <p>2° <b>“Poste-frontière ”</b> : endroit désigné par la loi où une personne doit se présenter à l’entrée ou à la sortie du pays ;</p>
---	--	--

<p>3° “<b>Minisitiri</b> ”: Minisitiri ufite abinjira n’abasohoka mu nshingano ze;</p> <p>4° “<b>Ubuyobozi bukuru</b>”: urwego rushinzwe abinjira n’abasohoka mu gihugu;</p> <p>5° “<b>Umuyobozi mukuru</b>”: Ukuriye Ubuyobozi Bukuru bw’Abinjira n’Abasohoka mu gihugu ;</p> <p>6° “<b>Ofisiye wa imigarsiyo</b>”: umukozi w’umwuga w’Ubuyobozi Bukuru bw’Abinjira n’Abasohoka mu Gihugu;</p> <p>7° “<b>Umukoresha</b> ”: umuntu ku giti cye, ugengwa n’amasezerano y’akazi nk’umukoresha, umuyobozi mukuru w’ikigo gifite ubuzima gatozi cyangwa ugihagarariye imbere y’amategeko cyangwa uweguriwe ububasha ku birebana n’abakozi ;</p> <p>8° “<b>Ubushyingiranwe</b> ”: ukubana byemewe n’amategeko hagati y’umugore n’umugabo hakurikijwe amategeko y’u Rwanda cyangwa ayo mu mahanga mu gihe atanyuranyije n’Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda, cyangwa</p>	<p>3° “<b>Minister</b>”: Minister in charge of immigration and emigration;</p> <p>4° “<b>Directorate General</b>”: institution directly responsible for immigration and emigration ;</p> <p>5° “<b>Director General</b>”: Head of Directorate General of Immigration and Emigration;</p> <p>6° “<b>Immigration Officer</b>”: a professional Officer of the Directorate General of Immigration and Emigration;</p> <p>7° “<b>Employer</b>”: an individual bound by an employment contract as an employer, or Head of an institution with legal personality or its legal representative or the person to whom powers in relation to employees have been delegated;</p> <p>8° “<b>Marriage</b>”: legally recognized union of a man and a woman celebrated in accordance with Rwandan or foreign Laws which are consistent with Constitution of the Republic of Rwanda or with</p>	<p>3° “<b>Ministre</b> ”: Ministre ayant l’immigration et l’émigration dans ses attributions ;</p> <p>4° “<b>Direction Générale</b> ” : institution chargée directement de l’immigration et de l’émigration ;</p> <p>5° “<b>Directeur Général</b> ”: le haut responsable de la Direction Générale de l’Immigration et l’Emigration ;</p> <p>6° “<b>Officier d’immigration</b> ” : agent professionnel de la Direction Générale de l’Immigration et de l’Emigration ;</p> <p>7° “<b>Employeur</b> ”: personne physique liée par un contrat de service en tant qu’employeur, un Responsable d’une institution dotée de la personnalité juridique ou son représentant légal ou la personne qui a reçu la délégation de pouvoirs en matière de personnel ;</p> <p>8° “<b>Mariage</b> ” : union conjugale légalement reconnue entre un homme et une femme célébrée selon la loi rwandaise ou étrangère compatible avec la Constitution de la République du Rwanda ou avec</p>
--	--	--

<p>imigenzereze myiza y'u Rwanda;</p> <p>9° <b>“Umuryango”</b>: umugabo n'umugore bashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko, abana babo batarageza ku myaka 18 cyangwa bari hagati y'imyaka 18 na 25 y'amavuko mu gihe bakiga kandi batarashyingirwa;</p> <p>10° <b>“ugize umuryango wa hafi”</b>: umuntu wo mu muryango ubarirwa mu rwego rwa kabiri nk'uko biteganywa n'amategeko mbonezamubano y'u Rwanda;</p> <p>11° <b>“Undi ushobora gufatwa nk'ugize umuryango”</b>: ufitanye isano, utunzwe n'umwe cyangwa bombi mu bashyingiranywe mu gihe byemejwe n'umuyobozi mukuru;</p> <p>12° <b>“Umunyamahanga”</b>: umuntu wese udafite ubwenegihugu nyarwanda;</p> <p>13° <b>“Umunyamahanga utuye”</b>: Umunyamahanga ufite uruhushya rwo kuba mu gihugu rw'igihe giteganyijwe cyangwa kidateganyijwe;</p> <p>14° <b>“Umunyamahanga utemewe mu gihugu”</b>: umunyamahanga uri mu</p>	<p>Rwandan good morals;</p> <p>9° <b>“ Family”</b>: a man and a woman who are legally married, including their children who are under 18 years old or aged between 18 and 25 years if they are still pursuing full time education and are unmarried;</p> <p>10° <b>“ Close relative”</b>: a family member who is in the second degree of kinship as provided by the Rwandan Civil Code;</p> <p>11° <b>“ Any other person who may be considered as a family member”</b>: a relative or a dependent of either or both spouses as may be approved by the Director General;</p> <p>12° <b>“Foreigner”</b>: any person who does not hold Rwandan nationality;</p> <p>13° <b>“Resident”</b>: a foreigner holding a temporary or permanent residence permit;</p> <p>14° <b>“Prohibited immigrant”</b>: a foreigner who is in Rwanda in</p>	<p>les bonnes mœurs rwandaises ;</p> <p>9° <b>“ Famille ”</b>: un homme et une femme légalement mariés y compris leurs enfants âgés de moins de 18 ans ou ceux entre 18 et 25 ans qui poursuivent encore en plein temps leurs études étant non mariés ;</p> <p>10° <b>“ Parent proche ”</b>: membre de famille au second degré de parenté tel que prévu par le Code Civil rwandais ;</p> <p>11° <b>“Toute autre personne pouvant être considérée comme membre de la famille ”</b>: un parent ou une personne à charge de l'un ou des deux conjoints en cas d'approbation par le le Directeur Général;</p> <p>12° <b>“ Etranger ”</b>: toute personne qui n'est pas de nationalité rwandaise ;</p> <p>13° <b>“ Résident ”</b>: un étranger qui détient un permis de séjour titre temporaire ou permanent ;</p> <p>14° <b>“Immigrant interdit”</b>: un étranger se trouvant au Rwanda en</p>
--	---	--

<p>Rwanda mu buryo bunyuranyije n'iri tegeko;</p> <p>15° “<b>Impunzi</b> ”: umuntu wahunze igihugu cye nk’uko bisobanurwa n’amasezerano mpuzamahanga yerekeye impunzi yo ku wa 28 Nyakanga 1951;</p> <p>16° “<b>Pasiporo</b>”: urwandiko rw’inzira rwemewe n’amategeko mpuzamahanga ;</p> <p>17° “<b>Laissez-passer</b> ”: urwandiko rw’inzira rusimbura pasiporo ruhabwa umunyarwanda ujya mu bihugu byo mu karere u Rwanda rurimo hakurikijwe ubwumvikane byagiranye;</p> <p>18° “<b>ASC/CEPGL: Autorisation Spéciale, de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs</b>”: urwandiko rw’inzira ruhabwa umunyarwanda cyangwa umunyamahanga utuye mu Rwanda byemewe n’amategeko, rukamwemerera kujya mu bihugu bigize Umuryango w’Ubukungu w’Ibihugu by’Ibiyaga Bigari hakurikijwe amasezerano byagiranye;</p>	<p>violation of this Law;</p> <p>15° “<b>Refugee</b>”: a person who has fled his/her country as defined by the International Convention of 28 July 1951 Relating to the Status of Refugees;</p> <p>16° “<b>Passport</b>”: travel document recognized by international Laws;</p> <p>17° “<b>Laissez-passer</b>”: travel document issued in lieu of passport to any Rwandan wishing to travel to any of the countries in the subregion and in accordance with existing agreements among the countries;</p> <p>18° “<b>ASC/CEPGL: Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs</b>”: travel document issued to a Rwandan, or a foreigner legally residing in Rwanda, allowing him/her to travel to member States of the Economic Community of the Great Lakes Countries and in accordance with the existing agreements signed among such countries;</p>	<p>contravention à la présente loi ;</p> <p>15° “<b>Réfugié</b> ” : personne ayant fui son pays au sens de la Convention Internationale du 28 juillet 1951 relative au statut des réfugiés ;</p> <p>16° “<b>Passeport</b> ” : document de voyage reconnu par les lois internationales ;</p> <p>17° “<b>Laissez-passer</b> ” : document de voyage tenant lieu de passeport délivré au Rwandais se rendant dans les pays de la sous région conformément aux accords entre ces pays ;</p> <p>18° “<b>ASC/CEPGL: Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs</b> ”: un document de voyage délivré à un Rwandais ou un étranger résidant légalement au Rwanda lui permettant de se rendre dans les pays membres de la Communauté des pays des Grands Lacs dans le cadre des accords entre ces pays ;</p>
--	---	---

<p>19° <b>“Urwandiko rw’inzira rw’impunzi”</b>: urwandiko rw’inzira ruhabwa umunyamahanga wahawe ubuhungiro mu Rwanda;</p> <p>20° <b>“Viza”</b>: uruhushya ruha umunyamahanga uburenganzira bwo kuza mu Rwanda;</p> <p>21° <b>“Ikarita y’umunyamahanga”</b>: ikarita iranga umunyamahanga uba mu Rwanda;</p> <p>22° <b>“Uruhushya rwo kuba mu Rwanda”</b>: uruhushya ruha umunyamahanga uburenganzira bwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe cyangwa kidateganyijwe ku mpamvu zitari izo gusura.</p> <p>23° <b>“Guhagarika by’agateganyo”</b>: guhagarika umuntu mu gihe gito kugira ngo ofisiye wa imigarasiyo akore igenzura ku bijyanye no kwinjira cyangwa kuba mu gihugu;</p> <p>24° <b>“Kwirukana umunyamahanga”</b>: igikorwa kigamije gutuma umunyamahanga utemewe mu gihugu ava mu Rwanda atari ku bushake bwe.</p>	<p>19° <b>“Refugee travel document”</b>: travel document that is issued to a foreigner who has been granted refugee status in Rwanda;</p> <p>20° <b>“Visa”</b>: permission issued to a foreigner granting him/her the authorisation to enter in Rwanda;</p> <p>21° <b>“Foreigner’s identity card”</b>: identity card issued to a foreigner residing in Rwanda;</p> <p>22° <b>“Residence permit ”</b>: permission allowing a foreigner to reside temporarily or permanently in Rwanda and for the purposes other than visit;</p> <p>23° <b>“ Provisional interception ”</b>: stopping a person for a short period of time to enable an immigration officer to investigate that person’s entry into or residence in the country;</p> <p>24° <b>“Deportation”</b>: action aimed at causing an illegal foreigner to leave Rwanda against his/her will.</p>	<p>19° <b>“Titre de voyage pour réfugié”</b> : document de voyage accordé à un étranger ayant bénéficié du droit d’asile au Rwanda ;</p> <p>20° <b>“Visa ”</b> : permission donnée à un étranger lui accordant l’autorisation d’entrer au Rwanda ;</p> <p>21° <b>“ Carte pour étranger ”</b> : une carte délivrée à un étranger résidant au Rwanda ;</p> <p>22° <b>“Permis de séjour ”</b> : permission accordée à un étranger lui permettant de résider au Rwanda temporairement ou de façon permanente pour des raisons autres que celles de visite ;</p> <p>23° <b>“ Interception provisoire ”</b>: arrêter une personne pendant un temps limité afin de permettre à l’officier d’immigration d’enquêter sur l’entrée ou le séjour de cette personne au pays;</p> <p>24° <b>“Expulsion”</b>: le fait de contraindre un étranger interdit au pays à quitter le Rwanda contre son gré.</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'imipaka</u></b></p> <p>Imipaka ishyirwaho n'Iteka rya Perezida.</p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Imicungire y'imipaka</u></b></p> <p>Ubuyobozi bukuru bufite inshingano yo gucunga imipaka y'u Rwanda. Ubuyobozi bukuru buhuza, bwuzuzanya, kandi bukanafatanya n'izindi nzego zifite akazi kajyanye no gukoresha imipaka.</p> <p>Uretse imipaka ifite amategeko yihariye, ubuyobozi bukuru bugena umukozi kuri buri mupaka ushinzwe guhuza ibikorwa bihuriweho n'izindi nzego za Leta n'izigenga zihakorerera.</p> <p>Bitabangamiye ibivugwa mu gika kibanziriza iki, uwo mukozi nta bubasha afite bwo gutegeka abakozi b'izindi nzego zikorera ku mupaka ku bijyanye n'imikorere yihariye y'izo nzego.</p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Inzandiko z'inzira zemewe</u></b></p> <p>Inzandiko z'inzira zemewe ni izitangwa</p>	<p><b><u>Article 3: Establishment of border posts</u></b></p> <p>Border posts shall be established by a Presidential Order.</p> <p><b><u>Article 4: Management of border posts</u></b></p> <p>The Directorate General shall be responsible for managing Rwandan border posts. The Directorate General shall coordinate, liaise and collaborate with other organs whose responsibilities relate to the use of border posts.</p> <p>Except for border posts governed by special Laws, the Directorate General shall appoint at each border post a border post manager responsible for coordinating activities of other public and private agencies operating at the border post.</p> <p>Without prejudice to the provisions of the preceding paragraph, the post manager shall have no authority over staff members of other agencies operating at the border post regarding the particular functioning of such agencies.</p> <p><b><u>Article 5: Recognised travel document</u></b></p> <p>A recognised travel document is the one</p>	<p><b><u>Article 3 : Détermination des postes-frontières</u></b></p> <p>Les postes-frontières sont déterminées par arrêté présidentiel.</p> <p><b><u>Article 4 : Gestion des postes-frontières</u></b></p> <p>La Direction Générale a pour mission de gérer les postes-frontières du Rwanda. La Direction Générale assure la coordination, l'interaction et la collaboration avec les autres services dont les attributions sont liées à l'utilisation des postes-frontières.</p> <p>A l'exception des postes-frontières régies par des lois particulières, la Direction Générale affecte à chaque poste-frontière un agent chargé de la coordination des opérations des organes tant publics que privés opérant à ce poste-frontière.</p> <p>Sans préjudice des dispositions de l'alinéa précédent, l'agent chargé de la coordination n'a pas de prérogatives sur les agents d'autres institutions opérant au poste-frontière quant au fonctionnement particulier de ces institutions.</p> <p><b><u>Article 5 : Documents de voyage reconnus</u></b></p> <p>Les documents de voyage reconnus sont</p>
--	---	--

<p>n'ibihugu n'izindi zemewe n'amasezerano mpuzamahanga.</p> <p>Iyo umunyamahanga ataye urwandiko rw'inzira ari mu Rwanda kandi adashobora kubona urundi, ahabwa urwandiko rw'inzira rw'ingoboka rumufasha gusohoka mu gihugu.</p> <p><b>UMUTWE WA II: KWINJIRA, GUSOHOKA, KUBA NO GUTURA MU RWANDA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 6: Ibikurikizwa mu kwinjira no gusohoka mu Rwanda</u></b></p> <p>Ibikurikizwa mu kwinjira no gusohoka mu Rwanda ni ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° kunyura ku mupaka wemewe n'amategeko;</li> <li>2° kugira urwandiko rw'inzira rufite agaciro;</li> <li>3° kwiwandikisha mu buryo bwemewe n'amategeko;</li> <li>4° kugira viza cyangwa uruhushya bifite agaciro;</li> <li>5° umunyamahanga ashobora gukoresha</li> </ol>	<p>issued by Governments and other recognised by international conventions.</p> <p>A foreigner who loses his or her travel document while in Rwanda and cannot obtain another one, he or she shall be issued with an emergency travel document to facilitate his or her exit from the country.</p> <p><b>CHAPTER II: ENTRY INTO, EXIT FROM STAY AND RESIDENCE</b></p> <p><b><u>Article 6: Conditions of entry into and exit from Rwanda</u></b></p> <p>Conditions of entry into and exit from Rwanda are as follows:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° pass through a legally established border post;</li> <li>2° possess a valid travel document;</li> <li>3° to be registered as provided by the Law;</li> <li>4° possess a valid visa or any valid permit;</li> <li>5° a foreigner may use any document</li> </ol>	<p>ceux qui sont délivrés par des Etats ainsi que ceux reconnus par les conventions internationales.</p> <p>Si un étranger se trouvant au Rwanda a perdu son document de voyage et qu'il ne peut pas obtenir un autre, un titre de voyage d'urgence lui permettant de sortir du pays lui est délivré.</p> <p><b>CHAPITRE II: ENTRER, SORTIR, SEJOURNER ET RESIDER AU RWANDA</b></p> <p><b><u>Article 6: Conditions d'entrée et de sortie au Rwanda</u></b></p> <p>Les conditions d'entrée et de sortie au Rwanda sont les suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° passer par un poste-frontière officiel ;</li> <li>2° être détenteur d'un document de voyage valide;</li> <li>3° se faire enregistrer conformément à la loi ;</li> <li>4° avoir un visa ou une autorisation valable;</li> <li>5° un étranger peut utiliser un</li> </ol>
---	--	---

<p>ikindi cyangombwa kitari urwandiko rw'inzira hakurikijwe amasezerano igihugu cye gifitanye n'u Rwanda;</p>	<p>other than the travel document in accordance with an agreement between Rwanda and his/her country;</p>	<p>document autre que le document de voyage conformément aux accords conclus entre son pays et le Rwanda;</p>
<p>6° umunyamahanga utemewe mu gihugu nk'uko biteganywa n'iri tegeko ntiyemererwa kwinjira kabone n'iyoyaba afite uruhushya rumwemerera kwinjira mu Rwanda;</p>	<p>6° a prohibited immigrant as provided by this Law shall be denied entry notwithstanding that he/she holds a authorisation to enter Rwanda;</p>	<p>6° un immigrant interdit conformément à la présente loi, n'est pas autorisé d'entrer au Rwanda même en possession d'une autorisation d'entrée au Rwanda;</p>
<p>7° umunyarwanda ugarutse mu gihugu agomba kuba afite urwandiko rw'inzira rufite agaciro cyangwa ikindi cyangombwa kigaragaza ko ari umunyarwanda;</p>	<p>7° any Rwandan returning to the country shall be in possession of valid travel document or other acceptable proof that he/she is a Rwandan;</p>	<p>7° tout Rwandais rentrant au pays doit être muni d'un document de voyage valide ou de toute autre preuve attestant qu'il est Rwandais;</p>
<p>8° umuntu ufite ibintu yemererwa kwinjira cyangwa gusohoka mbere y'uko ibintu bye byemererwa kwinjira cyangwa gusohoka;</p>	<p>8° any person entering or exiting Rwanda with items shall be permitted entry or exit before his/her items are permitted entry or exit;</p>	<p>8° pour entrer ou sortir du Rwanda avec des articles, la personne doit au préalable avoir été admise à entrer ou à sortir avant l'autorisation de faire sortir ou entrer ces articles ;</p>
<p>9° umuyobozi mukuru ashobora gusaba umuntu ushaka kwinjira mu Rwanda gukurikiza amabwiriza atangwa n'inzego zibishinzwe;</p>	<p>9° the Director General may require a person seeking entry into Rwanda to respect instructions issued by competent organs;</p>	<p>9° le Directeur Général peut exiger que la personne désirant entrer au Rwanda se conforme aux instructions des organes compétents;</p>
<p>10° inyamaswa, udusimba, ibimera n'ibindi binyabuzima, bishobora kwemererwa kwinjizwa cyangwa gusohorwa mu Rwanda hakurikijwe</p>	<p>10° animals, insects, plants and other living organisms may be permitted entry into or exit from Rwanda in accordance with regulations</p>	<p>10° les animaux, les bestioles, les plantes et les autres organismes vivants peuvent être admis à entrer ou sortir du Rwanda conformément</p>



<p>amabwiriza atangwa n'inzego zibishinzwe.</p> <p>Iteka rya Minisitiri riteganywa ibijyanye no kwinjizwa no gusohorwa k'umurambo.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena ibindi bishobora gukurikizwa mu kwinjira no gusohoka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Kwimwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda</u></b></p> <p>Umunyamahanga ushaka viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda ntashobora kuruhabwa icyo:</p> <p>1° ari umunyabyaha uzwi;</p> <p>2° akorana cyangwa yarigeze gukorana n'umuntu cyangwa itsinda ry'abantu bakekwaho kuba bagira cyangwa baragize uruhare mu bikorwa by'ubugizi bwa nabi;</p> <p>3° Ubuyobozi Bukuru bubona ko yabangamira umutekano n'umudendezo rusange by'igihugu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Ibisabwa byerekeye ubuzima</u></b></p> <p>Mu gihe Umuyobozi Mukuru abona ko</p>	<p>issued by competent organs.</p> <p>A Ministerial Order shall regulate entry and exit of a dead person</p> <p>A Ministerial Order shall provide for other conditions of entry and exit.</p> <p><b><u>Article 7: Refused a visa or a residence permit</u></b></p> <p>A foreigner shall be refused a visa or a residence permit if:</p> <p>1° he/she has a substantial criminal record;</p> <p>2° he/she has or had an association with an individual, a group or an organization suspected of having been or being involved in criminal activities;</p> <p>3° the Directorate General has reason to believe that he/she can be a threat to national security and public order.</p> <p><b><u>Article 8: Health requirements</u></b></p> <p>The Director General shall require a</p>	<p>aux instructions des organes compétents.</p> <p>Un arrêté ministériel régleme l'entrée et la sortie d'une dépouille mortelle.</p> <p>Un arrêté ministériel prévoit d'autres conditions d'entrée et de sortie.</p> <p><b><u>Article 7 : Se voir refuser un visa ou un permis de séjour</u></b></p> <p>Le visa ou le permis de séjour est refusé à un étranger qui en fait la demande au cas où :</p> <p>1° il est réputé criminel;</p> <p>2° il est ou a été en association avec un individu ou un groupe d'individus ou organisation soupçonnés d'avoir été ou d'être impliqués dans des activités criminelles;</p> <p>3° la Direction Générale a des raisons de croire que la personne pourrait troubler la sécurité et l'ordre public.</p> <p><b><u>Article 8 : Conditions de santé</u></b></p> <p>Le Directeur Général exige à un étranger</p>
---	---	--

<p>umunyamahanga usaba kwinjira mu Rwanda ashobora kuzakenera kwivuza amusaba kugaragaza ko afite ubwishingizi bw'indwara</p> <p>Iyo bibaye ngombwa, Umuyobozi Mukuru abuzwa kwinjira umuntu ugaragara ko yabera umutwari ubuvuzi bw'u Rwanda.</p> <p>Mu gihe abona ari ngombwa, Umuyobozi Mukuru asaba umunyamahanga ushaka kwinjira mu Rwanda kugaragaza inzandiko zerekana ko yakingiwe nk'uko biteganywa n'amasezerano mpuzamahanga kandi hakurikijwe amabwiriza y'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubuzima cyangwa aya Minisitiri ifite ubuzima mu nshingano zayo.</p> <p>Iyo umunyamahanga atagaragaje izo mpapuro, abuzwa kwinjira cyangwa akagira ikindi akorerwa nk'uko byateganywa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.</p> <p>Mu gihe cy'indwara y'icyorezo, Umuyobozi Mukuru ashobora kubaza kwinjira cyangwa gusohoka k'umunyamahanga wese bisabwe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.</p>	<p>foreigner seeking entry into Rwanda to produce health insurance certificate if he/she considers that such a foreigner may require medical treatment.</p> <p>If deemed necessary, the Director General shall refuse entry to a person who may constitute a burden for the Rwandan health system.</p> <p>If deemed necessary, the Director General requires a foreigner who seeks entry to Rwanda, to produce vaccination certificates as stipulated by international conventions and in accordance with regulations issued by the World Health Organization or the Ministry in charge of Health.</p> <p>If a foreigner does not produce such documents, he/she shall be denied entry or be subject any other action as may be determined by the Minister in charge of Health.</p> <p>In case of an epidemic disease, the Director General may, on the instructions of the Minister in charge of Health, deny entry or exit to any foreigner.</p>	<p>désirant entrer au Rwanda d'exhiber un certificat d'assurance-maladie au cas où il considère que son état pourrait exiger des soins médicaux.</p> <p>En cas de nécessité, le Directeur Général refuse le droit d'entrée à une personne qu'il considère être une charge pour le système médical rwandais.</p> <p>S'il le juge nécessaire, le Directeur Général exige à un étranger désirant entrer au Rwanda, de produire des certificats de vaccination tels que prévus par les conventions internationales et conformément aux règlements de l'Organisation Mondiale de la Santé ou du Ministère ayant la santé dans ses attributions.</p> <p>Lorsqu'un étranger ne produit pas ces certificats, il se voit refuser l'entrée ou fait l'objet d'une autre mesure quelconque déterminée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions.</p> <p>En cas d'épidémie, le Directeur Général peut, sur instruction du Ministre ayant la santé dans ses attributions, refuser le droit d'entrer ou de sortir à tout étranger.</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 9: Kugaragaza ubushobozi bwo kwitunga</u></b></p> <p>Umunyamahanga ushaka viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda asabwa kugaragaza ubushobozi bwo kwitunga mu gihe ari mu Rwanda.</p> <p>Umuyobozi Mukuru ashobora kudaha umunyamahanga viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe asanga adafite ubushobozi bwo kwitunga.</p> <p>Umuyobozi Mukuru asanze ari ngombwa ateguka umunyamahanga ushaka kuba mu Rwanda igihe gito kugaragaza umwishingizi uzatanga amafaranga yo kuzamusubiza iwabo.</p>	<p><b><u>Article 9: Financial support</u></b></p> <p>A foreigner seeking a visa or a residence permit is required to show proof of sufficient financial resources to support him or herself during his/her stay in Rwanda.</p> <p>The Director General may refuse to grant a visa or a residence permit to a foreigner if such a foreigner has no sufficient funds to support him or herself.</p> <p>The Director General shall, if deemed necessary, order a foreigner who intends to temporarily reside in Rwanda to have a guarantor to cover the costs of his/her repatriation.</p>	<p><b><u>Article 9 : Conditions de ressources suffisantes pour se prendre en charge</u></b></p> <p>Il est requis à un étranger désirant obtenir un visa ou un permis de séjour de justifier les ressources suffisantes pour se prendre en charge durant son séjour au Rwanda.</p> <p>Le Directeur Général peut refuser un visa ou un permis de séjour à un étranger s'il considère qu'il n'a pas de ressources suffisantes pour se prendre en charge.</p> <p>S'il le juge nécessaire, le Directeur Général ordonne à un étranger désirant résider temporairement au Rwanda d'avoir une caution devant payer les frais de son rapatriement.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 10: Ibyiciro bya viza n'impushya zo kuba mu Rwanda</u></b></p> <p>Impushya zo kuba mu Rwanda ziri mu byiciro bibiri by'ingenzi: uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe n'urw'igihe kidateganyijwe.</p> <p>Viza zo kuza mu Rwanda ziri mu byiciro bitatu by'ingenzi: viza yo kwinjira, viza yo gutambuka n'iy'ubukerarugendo.</p> <p>Iteka rya Minisitiri riteganya ibindi byiciro</p>	<p><b><u>Article 10: Categories of visas and residence permits</u></b></p> <p>There are two (2) major categories of residence permits: permanent resident permit and temporary resident permit.</p> <p>There are three major categories of Rwanda visa: entry visa, transit visa and tourist visa.</p> <p>A Ministerial Order shall determine other</p>	<p><b><u>Article 10 : Catégories de visas et de permis de séjour</u></b></p> <p>Les permis de séjour sont de deux (2) principales catégories : le permis de séjour temporaire et le permis de séjour permanent.</p> <p>Les visas rwandais sont de trois catégories : le visa d'entrée, le visa de transit et le visa touristique.</p> <p>Un arrêté ministériel détermine les autres</p>

<p>n'inzezo za viza n'impushya zo kuba mu Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11: Kwamburwa viza n'uruhushya rwo kuba mu Rwanda</u></b></p> <p>Ubuyobozi bukuru bushobora kwambura viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda umuntu waruhawe.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho mu kwamburwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 12: Umunyamahanga utemewe mu gihugu</u></b></p> <p>Umunyamahanga ntahabwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda <b>iyoy</b>:</p> <p>1° ashakishwa n'ubutabera ku byaha bikomeye byakorewe mu Rwanda cyangwa mu mahanga mu gihe byemewe n'u Rwanda ;</p> <p>2° ahakana cyangwa apfobya jenocide;</p> <p>3° yirukanwe mu gihugu kandi hatarabayeho ihanagurabusembwa;</p> <p>4° agize, ashigikiye agatsiko cyangwa umutwe birangwa n'ibikorwa byo kuvangura amoko cyangwa guteza</p>	<p>categories and classes of visas and residence permits.</p> <p><b><u>Article 11: Cancellation of a visa and residence permit</u></b></p> <p>The Directorate General may cancel a visa or residence permit from the holder thereof.</p> <p>A Ministerial Order shall determine conditions under which a visa or a residence permit may be cancelled.</p> <p><b><u>Article 12: Prohibited immigrant</u></b></p> <p>A foreigner cannot obtain a visa or a residence permit where:</p> <p>1° he/she is subject to an arrest warrant for crimes whether committed in Rwanda or abroad provided they are recognised as such in Rwanda ;</p> <p>2° he/she denies or negates the genocide;</p> <p>3° he/she is a deported person and is not rehabilitated;</p> <p>4° he/she is a member, a supporter of an association or an organisation characterized by acts of racial</p>	<p>catégories et classes de visas et de permis de séjour.</p> <p><b><u>Article 11 : Retrait de visa et de permis de séjour</u></b></p> <p>La Direction Générale peut retirer un visa ou un permis de séjour à son détenteur.</p> <p>Un arrêté ministériel détermine les conditions de retrait du visa ou du permis de séjour.</p> <p><b><u>Article 12 : Immigrant interdit au pays</u></b></p> <p>Un étranger ne peut pas obtenir de visa ou de permis de séjour lorsque:</p> <p>1° il est sous le coup d'un mandat d'arrêt pour crimes graves commis au Rwanda ou à l'étranger si ces crimes sont reconnus par le Rwanda;</p> <p>2° il nie ou banalise le génocide ;</p> <p>3° il a été expulsé du pays sans bénéficier d'une mesure de réhabilitation;</p> <p>4° il est membre effectif, supporteur d'une association ou organisation caractérisée par des actes de</p>
--	---	---

<p>imvururu;</p> <p>5° ashobora kubera igihugu umutwaro;</p> <p>6° Ubuyobozi Bukuru bubona yabangamira umuco, umudendezo rusange n'umutekano by'igihugu.</p>	<p>discrimination or causing unrest;</p> <p>5° he/she is likely to become a burden for the country;</p> <p>6° the Directorate General considers that he/she may undermine good morals, public order and security of the country;</p>	<p>discrimination raciale ou de provocation des troubles ;</p> <p>5° il est susceptible de devenir une charge pour le pays ;</p> <p>6° la Direction Générale considère qu'il peut porter atteinte aux bonnes mœurs, à l'ordre public et à la sécurité du pays;</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13: Utifuzwa mu Rwanda</u></b></p> <p>Umunyamahanga ashobora kuba utifuzwa mu Rwanda iyo:</p> <p>1° afite urwandiko rw'inzira rwataye agaciro kandi akaba adashobora kurwongerasha igihe cyangwa ngo ashobore kubona urundi;</p> <p>2° yahawe viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda byemewe ariko akahaguma kandi viza cyangwa uruhushya yahawe byarataye agaciro;</p> <p>3° yemerewe kuguma mu Rwanda ariko agakora ibikorwa binyuranyije n'ibyo yaherewe uruhushya;</p> <p>4° adashobora kugaragaza ko afite</p>	<p><b><u>Article 13: Undesirable person</u></b></p> <p>A foreigner may be declared undesirable in Rwanda where:</p> <p>1° his/her travel document expired and he/she cannot have its validity extended or obtain another one;</p> <p>2° he/she entered and stayed in Rwanda with a valid visa or residence permit but overstayed in in Rwanda after the expiration of validity of his/her visa or residence permit ;</p> <p>3° he/she is authorized to remain in Rwanda but he/she engages in activities other than those he/she has been authorized for ;</p> <p>4° he/she is unable to prove that he/</p>	<p><b><u>Article 13 : Personne indésirable</u></b></p> <p>Un étranger peut être déclaré indésirable au Rwanda lorsque:</p> <p>1° il détient un document de voyage dont la durée de validité a expiré sans possibilité de prolongation ou d'en obtenir un autre ;</p> <p>2° il est détenteur d'un visa ou un permis de séjour valide mais qu'il l'a dépassé après expiration de visa ou permis de séjour ;</p> <p>3° il est autorisé à rester au Rwanda mais s'engage dans des activités autres que celles pour lesquelles il est autorisé à s'engager;</p> <p>4° il est incapable de justifier de</p>

<p>ubushobozi bwo ku mutunga mu gihe akiri mu Rwanda;</p> <p>5° yambuwe ubushobozi n'icyemezo cy'urukiko;</p> <p>6° yagaragajwe n'urukiko ko yaguye mu gihombo cya burundu;</p> <p>7° ashakishwa n'ubutabera ku byaha yakoreye mu mahanga cyangwa yarakatiwe n'inkiko zo mu kindi gihugu mu gihe byemerwa n'u Rwanda.</p>	<p>she has sufficient funds to support himself/ herself while still in Rwanda;</p> <p>5° he/she has been judicially declared incapable person;</p> <p>6° he/she has been declared bankrupt by a judicial decision;</p> <p>7° He/she is subject to an arrest warrant for crimes committed abroad or was sentenced by foreign courts if such such crimes are recognized by Rwanda.</p>	<p>ressources suffisantes pour se prendre en charge durant son séjour au Rwanda ;</p> <p>5° il est déclaré incapable par une décision judiciaire;</p> <p>6° il est déclaré en faillite par une décision judiciaire;</p> <p>7° il fait l'objet d'un mandat d'arrêt ou a été condamné par les juridictions des pays étrangers pour des crimes reconnus par le Rwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 14: Gusonerwa</u></b></p>	<p><b><u>Article 14: Exemptions</u></b></p>	<p><b><u>Article 14 : Exonérations</u></b></p>
<p>Umuyobozi Mukuru afite ububasha bwo:</p>	<p>The Director General has the power to:</p>	<p>Le Directeur Général est compétent pour:</p>
<p>1° kwemerera umushyitsi w'imena, abagize umuryango we ba hafi n'abaje bamuherekeje kuza no kuba mu Rwanda mu gihe kitarenze amezi atandatu (6), iyo abo banyamahanga badashaka kuba mu Rwanda burundu;</p>	<p>1° allow a distinguished visitor, members of his/her close relatives and his or her entourage accompanying him or her to enter and reside in Rwanda for a period not exceeding six (6) months, if such foreigners do not intend to reside permanently in Rwanda;</p>	<p>1° autoriser un visiteur de marque, ses parents proches et la délégation qui l'accompagne de séjourner au Rwanda pendant une durée ne dépassant pas six (6) mois pour autant que ces étrangers n'ont pas l'intention de résider de façon permanente au Rwanda ;</p>
<p>2° kwemerera kwinjira abakora mu ndege batanyuze mu nzira zisabwa abinjira n'abasohoka mu gihe batari burenze amasaha mironko ine n'umunani (48);</p>	<p>2° allow the entry of aircrew members without passing through immigration formalities if they do not exceed forty eight (48) hours;</p>	<p>2° autoriser les membres de l'équipage d'un aéronef d'entrer sans accomplir les formalités imposées par l'immigration pour autant qu'ils ne</p>

<p>3° kwemerera kwinjira no gutambuka umunyamahanga udafite urwandiko rw'inzira rugifite agaciro kagenwe. Uko kwinjira no gutambuka ntibireza amasaha mirongo irindwi n'abiri (72);</p> <p>4° iyo bibaye ngombwa, kwemerera umunyamahanga cyangwa itsinda ry'abanyamahanga uburenganzira bwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe cyangwa kidateganyijwe. Ibyo bikorwa gusa mu gihe umunyamahanga cyangwa itsinda ry'abanyamahanga bashobora kwakwa ubwo burenganzira.</p>	<p>3° allow entry and transit for a foreigner who is not in possession of a valid travel document. Such entry and transit shall not exceed seventy two (72) hours;</p> <p>4° when necessary, allow a foreigner or a group of foreigners the rights of residence for a specified or unspecified period. This shall only be done where such a foreigner or a group of foreigners can be deprived of such rights.</p>	<p>restent pas plus de quarante-huit (48) heures ;</p> <p>3° permettre à un étranger ne disposant pas de document de voyage valable une entrée et un transit. Ces entrée et transit ne peuvent pas dépasser soixante-douze (72) heures ;</p> <p>4° en cas de nécessité, accorder à un étranger ou à un groupe d'étrangers le droit de séjour au Rwanda pour une durée déterminée ou indéterminée. Ce droit ne peut être accordé que lorsqu'il peut être retiré à cet étranger ou à ce groupe d'étrangers.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15: Kwirukanwa k'umunyamahanga</u></b></p>	<p><b><u>Article 15: Deportation of a foreigner</u></b></p>	<p><b><u>Article 15 : Expulsion d'un étranger</u></b></p>
<p>Umunyamahanga ukoze icyaha giteganywa n'amategeko y'u Rwanda cyangwa mpuzamahanga ahanwa hakurikijwe uko amategeko abiteganywa. Ashobora kandi no kwirukanwa agaragaweho ibikorwa bihungabanya umutekano w'igihugu, umudendezo rusange, umuco n'imigenzereze myiza nyarwanda.</p>	<p>A foreigner who commits a crime provided under Rwandan Law or international Laws shall be punished in accordance with relevant Laws. He/she may also be deported when involved in acts that are detrimental to the national security, public order and Rwandan culture and good morals.</p>	<p>Un étranger qui commet un crime prévu par les lois rwandaises ou d'un crime de droit international est puni conformément aux lois en la matière. Il peut également faire l'objet d'expulsion lorsqu'il se rend coupable des actes préjudiciables à la sécurité nationale, à l'ordre public, à la culture et aux bonnes mœurs rwandaises.</p>
<p>Umunyamahanga wirukanywe ajyana n'abo atunze.</p>	<p>A deportorted foreigner shall go with his/her dependents.</p>	<p>Un étranger faisant l'objet d'expulsion part avec les personnes à sa charge.</p>

<p>Iteka rya Minisitiri riteganya uburyo bwo kwirukana umunyamahanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 16: Kujuririra icyemezo cyo kwirukanwa</u></b></p> <p>Umunyamahanga wirukanywe mu gihugu ashobora gusaba Umukuru w’Urwego rw’Igihugu Rushinzwe Iperereza n’Umutekano ko icyemezo cyamufatiwe cyo kwirukanwa gisubirwemo.</p> <p><b><u>UMUTWE WA III: UBUBASHA N’INSHINGANO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 17: Ububasha bwa Ofisiye wa imigarsiyo</u></b></p> <p>Ofisiye wa imigarsiyo afite ububasha bw’ubugenzacyaha.</p> <p>Afite kandi ububasha bwo gukora ibi bikurikira :</p> <p>1° kwemeza uburyo umunyamahanga ushaka kwinjira, kuguma cyangwa gusohoka mu gihugu abikora;</p> <p>2° kwemeza niba umunyamahanga ushaka ubuhungiro yarinjiye mu Rwanda mu buryo bwemewe n’amategeko;</p>	<p>A Ministerial Order shall determine the procedure for deportation of a foreigner.</p> <p><b><u>Article 16: Appeal against the deported order</u></b></p> <p>A foreigner against whom a deportation order has been made may appeal to the Head of the National Intelligence and Security Service.</p> <p><b><u>CHAPTER III: POWERS AND OBLIGATIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 17: Powers of an Immigration Officer</u></b></p> <p>An Immigration officer shall have judicial police powers.</p> <p>He/she shall also have the following powers:</p> <p>1° to decide on modalities to be followed by a foreigner seeking to enter , stay or exit the country;</p> <p>2° to decide whether a foreigner seeking asylum has Lawfully entered Rwanda;</p>	<p>Un arrêté ministériel détermine la procédure d’expulsion d’un étranger.</p> <p><b><u>Article 16 : Recours contre la décision d’expulsion</u></b></p> <p>Un étranger frappé d’une décision d’expulsion peut faire recours auprès du Responsable du Service National de Renseignements et de Sécurité.</p> <p><b><u>CHAPITRE III : POUVOIRS ET OBLIGATIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 17 : Pouvoirs d’un Officier d’immigration</u></b></p> <p>Un officier d’immigration dispose des pouvoirs de police judiciaire.</p> <p>Il dispose également des pouvoirs suivants:</p> <p>1° décider de la manière par laquelle un étranger qui le désire peut entrer, séjourner ou sortir du pays ;</p> <p>2° décider si un étranger qui adresse une demande d’asile est entré légalement au Rwanda ;</p>
---	--	---



<p>3° kwemeza ko umuntu wahawe ubuhungiro hakurikijwe Amasezerano Mpuzamahanga akena uburenganzira bw'impunzi ashobora kwinjira no kuguma mu gihugu;</p> <p>4° gutegeka kuva mu gihugu umunyamahanga wakoze ibinyuranyije n'ibyo yaherewe uruhushya kandi yarambuwe n'Umuyobozi Mukuru viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda;</p> <p>5° guhagarika by'igihe gito ukekwa gukora ibinyuranye n'iri tegeko;</p> <p>6° guhagarika, kwinjira no gusaka imodoka, ubwato, indege, gari ya moshi cyangwa ubundi buryo bwo gutwara abagenzi hagamijwe kuzuzura ko habamo umuntu cyangwa ibintu bitemewe n'amategeko;</p> <p>7° kuzuzura no gufata ibyemezo bya ngombwa ku bijyanye n'iyubahirizwa ry'iri tegeko.</p>	<p>3° to decide whether a person who has been granted refugee status under the international Refugee Conventions may enter and stay in Rwanda;</p> <p>4° to require a foreigner who has breached the conditions of his / her entry and whose visa or residence permit has been withdrawn by the Director General to leave the country;</p> <p>5° to provisionally intercept a person suspected of acting contrary to this Law;</p> <p>6° to stop, enter and search any vehicle, vessel, aircraft, train or any other means of transport to establish whether there is any undesirable person or prohibited items on board thereof;</p> <p>7° to inspect and take appropriate measures for the application of this Law.</p>	<p>3° décider si une personne, ayant acquis le statut de réfugié sur base des Conventions internationales sur les réfugiés peut entrer et résider au Rwanda;</p> <p>4° ordonner à un étranger de quitter le pays s'il a violé les dispositions relatives à son entrée et dont le visa et le permis de séjour ont été retirés par le Directeur Général ;</p> <p>5° procéder à l'interception provisoire d'une personne soupçonnée d'enfreindre la présente loi ;</p> <p>6° arrêter, entrer et perquisitionner tout véhicule, embarcation, aéronef, train ou autre moyen de transport dans le but de s'assurer qu'il ne s'y trouve une personne indésirable ou des objets interdits;</p> <p>7° faire une inspection et prendre des mesures adéquates dans le cadre du respect de la présente loi.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 18: Inshingano z'ukoresha umunyamahanga</u></b></p> <p>Ukoresha umunyamahanga afite inshingano zikurikira:</p>	<p><b><u>Article 18: Obligations of an employer of a foreigner</u></b></p> <p>The employer of a foreigner shall have the following obligations:</p>	<p><b><u>Article 18: Obligations d'un employeur d'un travailleur étranger</u></b></p> <p>L'employeur d'un travailleur étranger a les obligations suivantes :</p>

<p>1° gukoresha umunyamahanga ufite uruhushya rumwemerera gukora ako kazi;</p> <p>2° gutanga abisabwe umwironoro na kopi z'amasezerano y'akazi ku munyamahanga akoresha cyangwa yakoresheje;</p> <p>3° kumenyesha Umuyobozi Mukuru umunyamahaga wakoze ibinyuranyije cyangwa utakoze ibyo asabwa n'iri tegeko.</p>	<p>1° to employ a foreigner whose permit authorizes him/her to perform such work in Rwanda;</p> <p>2° to provide upon request, identification information and copies of employment contract for a foreigner he or she employs or employed;</p> <p>3° to inform the Director General any act or omission by a foreigner in violation of this Law.</p>	<p>1° engager un étranger dont le permis lui permet d'exercer un tel travail au Rwanda;</p> <p>2° fournir, sur demande, les informations d'identification et les copies des contrats de travail d'un étranger qu'il emploie ou qu'il a employé;</p> <p>3° informer le Directeur Général des agissements ou omission d'un étranger en violation de la présente loi.</p>
<p>Umunyamahanga uri mu gihugu mu buryo butemewe n'amategeko cyangwa akora ibitandukanye n'ibyo yaherewe uruhushya usanzwe ahantu akorera, bifatwa nk'aho akora ukuriye aho hantu abizi, cyeretse abigaragaje ukundi.</p>	<p>If a foreigner is illegally in the country or carries out activities other than those he/she has been authorized for and is found in a workplace, the head of such workplace shall be deemed to be aware of his/her irregular situation unless proved otherwise.</p>	<p>Si un étranger se trouve illégalement dans le pays ou mène des activités autres que celles pour lesquelles il est autorisé et qu'il est trouvé sur un lieu de travail, le responsable de ce lieu de travail est présumé l'employer étant au courant de sa situation irrégulière, sauf preuve du contraire.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Inshingano z'ikigo cy'ishuri</b></p>	<p><b><u>Article 19:</u> Obligations of an institution of learning</b></p>	<p><b><u>Article 19:</u> Obligations d'un établissement d'enseignement</b></p>
<p>Ukuriye ikigo cy'ishuri afite inshingano zo kuzuzura ko umunyeshuri w'umunyamahanga wigira muri icyo kigo yujuje ibisabwa n'amategeko bimwemerera kuguma no kwiga mu Rwanda.</p>	<p>The head of an institution of learning shall have the obligation of ensuring that a foreign student studying in the institution has met all the legal requirements allowing him/ her to stay and study in Rwanda.</p>	<p>Le Directeur d'un établissement d'enseignement doit contrôler qu'un étudiant étranger se trouvant dans son établissement remplit les conditions requises par les dispositions légales pour son séjour et ses études au Rwanda.</p>

<p>Mu gihe umunyamahanga udafite uburenganzira bwo kwiga mu Rwanda asanzwe mu kigo cy'ishuri, bifatwa nk'aho ukuriye icyo kigo abizi cyeretse abigaragaje ukundi.</p>	<p>In case a foreigner who is not eligible to study in Rwanda is found in an institution of learning, the head of such institution shall be deemed to be aware aware of his/her irregular situation, unless proven otherwise.</p>	<p>Lorsqu'un étranger non éligible pour étudier au Rwanda est trouvé dans un établissement d'enseignement, il est présumé que le directeur de l'établissement est au courant de sa situation irrégulière, sauf preuve du contraire.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Inshingano z'umuyobozi w'icumbi</b></p>	<p><b><u>Article 20:</u> Obligations of a manager of accommodation facility</b></p>	<p><b><u>Article 20 :</u> Obligations d'un directeur d'établissement de logement</b></p>
<p>Umuyobozi w'icumbi iryo ari ryo ryose afite inshingano zo kubika amakuru ku mushyitsi acumbikiye cyangwa yacumbikiye. Aya makuru agizwe n'amakuru ku muntu ucumbikiwe, ibyangombwa by'inzira kandi bikajya bihabwa ofisiye wa imigarasiyo mu gihe abisabye.</p>	<p>A manager of any accommodation facility has a duty to keep records of any visitor who stays or stayed at his/her facility. Such records shall include identification data of the guest and his/her travel documents and such records shall be provided to an immigration officer upon request.</p>	<p>Le Directeur d'un établissement de logement a l'obligation de garder les informations enregistrées sur un visiteur résidant ou ayant résidé dans son établissement. Ces informations portent sur l'identification du visiteur et ses documents de voyage et sont présentés, sur demande, à un officier d'immigration.</p>
<p>Mu gihe umunyamahanga udafite ibyangombwa bimwemerera kuguma mu Rwanda asanzwe mu icumbi iryo ari ryo ryose, bifatwa nk'aho uwo munyamahanga ahaba bizwi n'uhakuriye, cyeretse bigaragajwe ukundi.</p>	<p>When a foreigner who does not have documents allowing him/her to stay in Rwanda is found in any accommodation establishment, the manager of such facility shall be deemed to be aware of his/her presence in the facility unless proved otherwise.</p>	<p>Lorsqu'un étranger est trouvé dans un établissement sans documents lui permettant de séjourner au Rwanda, il est présumé que le directeur de l'établissement est au courant de sa présence, sauf preuve du contraire.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano z'umunyamahanga</b></p>	<p><b><u>Article 21:</u> Obligations of a foreigner</b></p>	<p><b><u>Article 21 :</u> Obligations d'un étranger</b></p>
<p>Umunyamahanga wemerewe kuba mu Rwanda mu gihe giteganyijwe cyangwa kidateganyijwe agomba kwiyandikisha ku</p>	<p>Any foreigner, who is authorized to stay in Rwanda temporarily or permanently, shall register with the nearest immigration office.</p>	<p>Un étranger autorisé à résider au Rwanda temporairement ou de façon permanente est tenu de se faire enregistrer au bureau</p>

<p>buyobozi bukuru bumwegereye.</p> <p>Buri munyamahanga wemerewe kuba mu Rwanda, agomba kubahiriza ibyo amategeko amusaba nk'uko biteganywa n'iri tegeko, keretse aho amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeye abiteganyanya ukundi.</p> <p>Buri munyamahanga agomba kugaragariza inzego zibifitiye ububasha mu gihe zibisabye, ikarita imuranga ahabwa n'Umuyobozi Mukuru cyangwa urwandiko rwe rw'inzira rurimo uruhushya rumwemerera kuba mu Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 22: Inshingano z'abatwara abantu</u></b></p> <p>Mbere yo gusohoka cyangwa kwinjira, isosiyete itwara abantu igaragariza ofisiye wa imigariyo urutonde rw'abantu baje cyangwa bagiye kugenda.</p> <p>Umuyobozi Mukuru ashobora gutanga amabwiriza yo kudasaba uru rutonde bitewe n'umwihariko abatwara abagenzi bafite.</p>	<p>Every foreigner who is authorized to stay in Rwanda must comply with legal obligations as provided for by this Law unless otherwise provided by international conventions to which Rwanda is a party.</p> <p>Whenever required by competent authorities, any foreigner must produce his/her foreigner's identity card issued by the Director General or his/her travel document containing the permit to reside in Rwanda.</p> <p><b><u>Article 22: Obligations of transport companies</u></b></p> <p>Any company which transports people shall, prior to exit or entry, present to an immigration officer a passenger list bearing the names of all people arriving or departing.</p> <p>The Director General may issue instructions waving the requirement of providing the passenger list depending on the particular nature of travel transport companies.</p>	<p>d'immigration le plus proche.</p> <p>Tout étranger autorisé à résider au Rwanda est tenu de satisfaire aux obligations légales prévues par la présente loi à moins que les conventions internationales auxquelles le Rwanda est partie en disposent autrement.</p> <p>Tout étranger est tenu d'exhiber sa carte pour étranger délivrée par le Directeur Général ou son document de voyage contenant le permis de séjour chaque fois qu'il en est requis par une autorité habilitée.</p> <p><b><u>Article 22 : Obligations des compagnies de transport</u></b></p> <p>Toute compagnie de transport des personnes, présente à l'Officier d'immigration, avant la sortie ou l'entrée, le manifeste contenant les noms de personnes entrant ou sortant du territoire.</p> <p>Le Directeur Général peut donner des instructions pour ne pas exiger le manifeste compte tenu des particularités des compagnies de transport.</p>
--	---	---

<b>UMUTWE WA IV: INZANDIKO Z'INZIRA Z'U RWANDA N'UBURYO ZIKORESHA</b>	<b>CHAPTER IV: RWANDAN TRAVEL DOCUMENTS AND THEIR USE</b>	<b>UMUTWE WA IV : DOCUMENTS DE VOYAGE RWANDAIS ET LEUR UTILISATION</b>
<p><b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Itangwa n'igengwa by'inwandiko z'inzira</p>	<p><b><u>Article 23:</u></b> Issuance and management of travel documents</p>	<p><b><u>Article 23:</u></b> Délivrance et contrôle des documents de voyage</p>
<p>Inwandiko z'inzira zitangwa kandi zigengwa n'Ubuyobozi Bukuru.</p>	<p>Travel documents shall be issued and managed by the Directorate General.</p>	<p>Les documents de voyage sont délivrés et contrôlés par la Direction Générale.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Pasiporo</p>	<p><b><u>Article 24:</u></b> Type of Passports</p>	<p><b><u>Article 24 :</u></b> Passeports</p>
<p>Pasiporo ziri mu byiciro bitatu (3) by'ingenzi ari byo ibi bikurikira:</p>	<p>There are three (3) main categories of passports, namely:</p>	<p>Les passeports rwandais sont de trois (3) catégories principales à savoir :</p>
<p>1° <b>Pasiporo isanzwe:</b> ihabwa umunyarwanda wese wujuje ibisabwa;</p>	<p>1° <b>ordinary passport:</b> is issued to any Rwandan who meets the requirements;</p>	<p>1° <b>passport ordinaire :</b> est délivré à tout citoyen rwandais satisfaisant à toutes les conditions requises ;</p>
<p>2° <b>Pasiporo y'akazi:</b> ihabwa umunyarwanda cyangwa umunyamahanga ugiye hanze y'u Rwanda mu kazi k'Igihugu;</p>	<p>2° <b>service passport:</b> is issued to Rwandan nationals or non-nationals traveling abroad on official mission;</p>	<p>2° <b>passport de service :</b> est délivré aux ressortissants rwandais ou aux étrangers devant partir en voyage à l'étranger pour une mission officielle;</p>
<p>3° <b>Pasiporo y'abanyacyubahiro:</b> ihabwa abanyacyubahiro cyangwa abahagarariye u Rwanda mu mahanga n'abandi bagenwa n'Iteka rya Minisitiri.</p>	<p>3° <b>Diplomatic passport:</b> is issued to high-ranking authorities or Rwandan diplomats and other eligible persons as may be determined by a Ministerial Order.</p>	<p>3° <b>passport diplomatique :</b> est délivré aux hautes autorités du pays, aux diplomates rwandais et autres personnalités déterminées par arrêté ministériel.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 25 :</u></b> Laissez-passer</p>	<p><b><u>Article 25:</u></b> Laissez-passer</p>	<p><b><u>Article 25 :</u></b> Laissez-passer</p>

<p>Laissez-passer ihabwa umunyarwanda ushaka kujya mu bihugu bikurikira:</p> <p>1° Burundi; 2° Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo; 3° Kenya; 4° Tanzania; 5° Uganda.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rishobora kongera urutonde rw'ibihugu bikoreshwamo Laissez-passer.</p> <p><b><u>Ingingo ya 26: Laissez-passer rusange</u></b></p> <p>Laissez-passer rusange ihabwa Abanyarwanda bagendeye hamwe mu bikorwa bidasanze baja mu bihugu bivugwa mu ngingo ibanziriza iyi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 27: ASC/ CEPGL</u></b></p> <p>ASC/ CEPGL ihabwa umunyarwanda cyangwa umunyamahanga ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda. Uru rwandiko rumufasha kujya mu bihugu bigize umuryango wa CEPGL.</p> <p><b><u>Ingingo ya 28: Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka</u></b></p>	<p>Laissez-passer shall be issued to a Rwandan national who wishes to travel to the following countries:</p> <p>1° Burundi; 2° Democratic Republic of the Congo; 3° Kenya; 4° Tanzania; 5° Uganda.</p> <p>A Ministerial Order may extend the list of countries within which a laissez-passer can be used.</p> <p><b><u>Article 26: Collective laissez-passer</u></b></p> <p>Collective laissez-passer is issued to Rwandan nationals travelling as a group to countries mentioned in the preceding Article on exceptional events.</p> <p><b><u>Article 27: ASC/CEPGL</u></b></p> <p>ASC/CEPGL is issued to Rwandan national or to a foreigner in possession of a residence permit. Such document allows him/her to travel to CEPGL member States.</p> <p><b><u>Article 28: Emergency travel document</u></b></p>	<p>Le laissez-passer est délivré au citoyen rwandais qui veut se rendre dans les pays suivants:</p> <p>1° Burundi ; 2° République Démocratique du Congo ; 3° Kenya ; 4° Tanzanie ; 5° Ouganda.</p> <p>Un arrêté ministériel peut étendre la liste des pays pour lesquels un laissez-passer est utilisé.</p> <p><b><u>Article 26 : Laissez-passer collectif</u></b></p> <p>Le laissez-passer collectif est délivré aux citoyens rwandais voyageant en équipe pour se rendre dans les pays visés à l'article précédent en vue des activités exceptionnelles.</p> <p><b><u>Article 27 : ASC/CEPGL</u></b></p> <p>ASC/CEPGL est délivré au citoyen rwandais ou à un étranger possédant un permis de séjour. Ce document lui permet de voyager dans les pays membres de la CEPGL.</p> <p><b><u>Article 28 : Document de voyage d'urgence</u></b></p>
---	--	---

<p>Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka ni urwandiko rw'inzira rugenderwaho rimwe ruhabwa umunyarwanda mu gihe hari impamvu zituma atabona ibyangombwa bisabwa ku zindi nyandiko z'inzira.</p>	<p>Emergency travel document is a one-way travel document issued to a Rwandan national in case he/she is unable to fulfil other conditions in order to obtain other travel documents.</p>	<p>Le document de voyage d'urgence est un document de voyage à usage unique délivré à un citoyen rwandais qui est dans l'impossibilité de remplir les conditions requises pour l'obtention d'autres documents de voyage.</p>
<p>Rushobora guhabwa umunyamahanga wataye urwandiko rw'inzira ari mu Rwanda cyangwa wavukiye mu Rwanda ariko akaba adashobora kubona urwandiko rw'inzira rutanzwe n'igihugu cye.</p>	<p>Such a document may be issued to a foreigner who has lost a travel document while in Rwanda or who was born in Rwanda but cannot get travel document from his/her country of origin.</p>	<p>Ce document peut être délivré à un étranger ayant perdu son document de voyage pendant qu'il se trouve au Rwanda ou qui est né au Rwanda et se trouve dans l'impossibilité d'avoir un document de voyage de son pays d'origine.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 29:</u> Urwandiko rw'inzira rw'impunzi</b></p>	<p><b><u>Article 29:</u> Refugee travel document</b></p>	<p><b><u>Article 29 :</u> Titre de voyage pour réfugié</b></p>
<p>Ubuyobozi Bukuru bufatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR), bushobora gutanga urwandiko rw'inzira rw'impunzi ku mpunzi zibyemerewe ziba mu Rwanda.</p>	<p>The Directorate General, in collaboration with the United Nations High Commission for Refugees (UNHCR), may issue a refugee travel document to eligible refugees residing in Rwanda.</p>	<p>La Direction Générale, en collaboration avec le Haut Commissariat des Nations Unies pour les Réfugiés (HCR) peut, délivrer un titre de voyage aux réfugiés résidant au Rwanda remplissant les conditions requises.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 30:</u> Urwandiko rw'inzira rw'uturiye imbibi</b></p>	<p><b><u>Article 30:</u> Border pass</b></p>	<p><b><u>Article 30 :</u> Documents transfrontaliers</b></p>
<p>Uturiye imbibi ahabwa urwandiko rw'inzira rumufasha mu bikorwa bya buri muni akora yambuka umupaka hakurikijwe amasezerano hagati y'u Rwanda n'ikindi gihugu, kimwe cyangwa byinshi bituranye na rwo kimwe n'imiryango yo mu karere.</p>	<p>Person living near the border shall be issued with border pass to allow him/her to conduct daily cross-border activities in accordance with bilateral or multilateral agreements between Rwanda and neighbouring countries and regional</p>	<p>Il est délivré à toute personne habitant les frontières des documents transfrontaliers lui permettant de mener ses activités quotidiennes de part et d'autres de la frontière en conformité avec les accords bilatéraux ou multilatéraux signés entre le</p>

<p><b><u>Ingingo ya 31:</u> Guhindura imiterere y'urwandiko rw'inzira</b></p>	<p>organizations.</p> <p><b><u>Article 31:</u> Modifying a travel document</b></p>	<p>Rwanda et les pays voisins ou les organismes régionaux.</p> <p><b><u>Article 31 :</u> Modification d'un document de voyage</b></p>
<p>Iteka rya Minisitiri rishobora guhindura imiterere y'urwandiko rw'inzira, ibirugize, uburyo rukoze n'ibipimo byarwo.</p>	<p>A Ministerial Order may modify the design, content, nature and the format of a travel document.</p>	<p>Un arrêté ministériel peut modifier les dimensions, le contenu, la nature et le format d'un document de voyage.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 32:</u> Ibindi byiciro by'inzandiko z'inzira</b></p>	<p><b><u>Article 32:</u> Other categories of travel documents</b></p>	<p><b><u>Article 32 :</u> Autres sortes de documents de voyage</b></p>
<p>Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ibindi byiciro by'inzandiko z'inzira z'u Rwanda.</p>	<p>A Ministerial Order may prescribe other possible categories of Rwandan travel documents.</p>	<p>Un arrêté ministériel peut établir d'autres sortes de documents de voyage rwandais.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 33:</u> Ikiguzi n'ibisabwa ku nzandiko z'inzira</b></p>	<p><b><u>Article 33:</u> Fees and requirements for a travel document</b></p>	<p><b><u>Article 33 :</u> Coût et conditions pour l'obtention des documents de voyage</b></p>
<p>Iteka rya Minisitiri rigena ikiguzi n'ibindi bisabwa ku itangwa ry'inzandiko z'inzira z'u Rwanda.</p>	<p>A Ministerial Order shall determine fees payable and other requirements to obtain a Rwandan travel document.</p>	<p>Un arrêté ministériel fixe les frais à payer ainsi que d'autres conditions exigées pour l'obtention des documents de voyage rwandais.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 34:</u> Uburenganzira ku rwandiko rw'inzira</b></p>	<p><b><u>Article 34:</u> Entitlement to a travel document</b></p>	<p><b><u>Article 34:</u> Droit à un document de voyage</b></p>
<p>Kugira urwandiko rw'inzira ni uburenganzira bwa buri munyarwanda.</p> <p>Urwandiko rw'inzira ni umutungo wa Leta. Urufite ashobora kurwamburwa mu gihe</p>	<p>Every Rwandan is entitled to a travel document.</p> <p>A travel document is the property of the State. It may be withdrawn from the holder</p>	<p>Avoir le document de voyage est un droit pour chaque citoyen rwandais.</p> <p>Le document de voyage est la propriété de l'Etat. Le détenteur d'un document de</p>



<p>bigaragara ko arukoresha nabi cyangwa ashobora kurukoresha nabi.</p> <p>Umuyobozi Mukuru ashobora kwima pasiporo cyangwa urundi rwandiko rw'inzira umuntu iyo:</p> <p>1° ashakishwa n'ubutabera mu Rwanda cyangwa atemerewe kujya hanze y'igihugu byategetswe n'urwego rw'ubutabera rubifitiye ububasha;</p> <p>2° hari impamvu zituma Umuyobozi Mukuru akeka ko ashobora kuba akora cyangwa yakora ibikorwa bishobora guhungabanya umutekano w'u Rwanda cyangwa w'ikindi gihugu;</p> <p>3° asanganywe pasiporo cyangwa urundi rwandiko rw'inzira rw'u Rwanda ruyisimbura rugifite agaciro kandi ntagaragaze impamvu ashaka urundi;</p> <p>4° isaba rye rigizwe n'impapuro z'impimbano cyangwa akoresha ibyangombwa byabonywe mu buryo bunyuranyije n'amategeko;</p>	<p>in case it is evident that he/she uses it or may use it in an inappropriate manner.</p> <p>The Director General may refuse to issue a passport or any other travel document to a person when:</p> <p>1° he/she is subject to an arrest warrant issued in Rwanda or is prevented from traveling outside the country by an order of competent judicial authority;</p> <p>2° he/she is suspected by the Director General on reasonable grounds to be engaged or likely to be engaged in activities that might prejudice the security of Rwanda, or of a foreign country;</p> <p>3° he/she holds a passport or another Rwandan travel document which is still valid and cannot substantiate the reasons for requesting for another one;</p> <p>4° his/her application is supported by forged documents or he/she uses documents which have been obtained illegally;</p>	<p>voyage peut se voir retirer le document s'il est constaté qu'il l'utilise ou peut l'utiliser d'une façon inappropriée.</p> <p>Le Directeur Général peut refuser de délivrer un passeport rwandais ou tout autre document de voyage au requérant lorsque :</p> <p>1° il fait l'objet d'un mandat d'arrêt lancé au Rwanda ou est soumis à l'obligation de séjour au Rwanda par une autorité judiciaire compétente;</p> <p>2° il est soupçonné par le Directeur Général, à juste titre, d'avoir des activités ou qu'il peut être impliqué dans des activités susceptibles de compromettre la sécurité du Rwanda ou d'un pays étranger;</p> <p>3° il détient un passeport ou un autre document de voyage rwandais encore valide et ne peut pas valablement justifier pourquoi il demande un autre;</p> <p>4° sa demande est basée sur des documents falsifiés ou obtenus frauduleusement;</p>
---	--	--

<p>5° atujuje ibisabwa.</p> <p>Umuntu udahawe urwandiko rw'inzira amenyeshwa impamvu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 35: Kujuririra icyemezo cyo kwimwa urwandiko rw'inzira</u></b></p> <p>Umuntu wimwe urwandiko rw'inzira ashobora gusaba Umukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano ko icyemezo gisubirwamo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 36: Gutakaza urwandiko rw'inzira</u></b></p> <p>Umuntu utakaje urwandiko rw'inzira, agomba kugaragaza icyemezo cy'iryo takara ahawe n'urwego nyubahiriza tegeko rubifitiye ububasha mbere y'uko ahabwa urundi.</p> <p><b><u>UMUTWE WA V: IBYAHA, AMAKOSA N'IBIHANO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 37: Ibyaha rusange</u></b></p> <p>Ahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku minsi cumi n'itanu (15) kugeza ku mezi atandatu (6), umuntu wese wahamwe na</p>	<p>5° He/she does not fulfil application requirements.</p> <p>A person who is not issued a travel document shall be entitled to be informed of the grounds for refusal.</p> <p><b><u>Article 35: Appeal against a decision of refusing issuance of a travel document</u></b></p> <p>A person refused a travel document may lodge an appeal to the Head of the National Intelligence and Security Service for the reconsideration of the decision.</p> <p><b><u>Article 36: Loss of a travel document</u></b></p> <p>Any person, who loses his/her travel document, shall produce a loss certificate issued by a competent authority before he/she can be issued with another one.</p> <p><b><u>CHAPTER V: OFFENCES AND PENALTIES</u></b></p> <p><b><u>Article 37: General offences</u></b></p> <p>A person who is convicted of any of the following offences shall be imprisoned on conviction for a term not less than fifteen</p>	<p>5° il ne remplit pas les conditions requises.</p> <p>Une personne qui se voit refuser un document de voyage est informée des motifs de refus.</p> <p><b><u>Article 35: Recours contre la décision de refus d'un document de voyage</u></b></p> <p>La personne qui se voit refuser le document de voyage peut demander au Responsable du Service National de Renseignements et de Sécurité de revoir cette décision.</p> <p><b><u>Article 36 : Perte d'un document de voyage</u></b></p> <p>Toute personne ayant perdu son document de voyage doit produire une attestation de perte délivrée par l'autorité compétente avant d'en obtenir un autre.</p> <p><b><u>CHAPITRE V: INFRACTIONS, FAUTES ET PEINES</u></b></p> <p><b><u>Article 37 : Infractions générales</u></b></p> <p>Sera puni d'une peine d'emprisonnement de quinze (15) jours à six (6) mois quiconque est reconnu coupable d'une des</p>
--	---	--

<p>kimwe mu byaha bikurikira:</p> <p>1° gufasha umunyamahanga kandi azi neza, cyangwa yagombye kumenya ko uwo afasha atifuzwa mu gihugu;</p> <p>2° kubuza Ofisiye wa imigarasiyo kurangiza inshingano ze;</p> <p>3° kwinjira akaguma mu Rwanda binyuranyije n'iri tegeko;</p> <p>4° kwambuka cyangwa kugerageza kwambuka umupaka cyangwa ahandi hantu hemewe atemerewe na ofisiye wa imigarasiyo;</p> <p>5° kwambuka cyangwa kugerageza kwambuka aca ahantu hatemewe n'amategeko;</p> <p>6° gufasha undi kubona icyo atemerewe mu biteganywa n'iri tegeko;</p> <p>7° guhishira icyaha icyo ari cyo cyose giteganywa n'iyi ngingo;</p>	<p>(15) days and not more than (6) months</p> <p>1° to assist a foreigner with knowledge or has reason to know that such a foreigner is an undesirable;</p> <p>2° to prevent an immigration Officer in the accomplishment of his/ her duties;</p> <p>3° to enter and stay in Rwanda contrary to this Law;</p> <p>4° to cross or attempt to cross a border post or any other authorized place without clearance of an immigration officer;</p> <p>5° to cross or attempt to cross through unauthorized place;</p> <p>6° to assist another person to obtain what he/she is not entitled to under this Law;</p> <p>7° to conceal any crime provided under this Article;</p>	<p>infractions suivantes:</p> <p>1° prêter assistance à un étranger lorsqu'il sait ou devrait savoir que cet étranger est une personne indésirable ;</p> <p>2° empêcher un Officier d'immigration d'accomplir ses fonctions;</p> <p>3° entrer et séjourner au Rwanda en violation des dispositions de la présente loi ;</p> <p>4° traverser ou tenter de passer par un poste-frontière ou autre endroit reconnu sans autorisation de l'officier de l'immigration ;</p> <p>5° traverser ou tenter de passer par un endroit non autorisé ;</p> <p>6° prêter assistance à une personne aux fins d'obtenir ce qui ne lui est pas permis par la présente loi ;</p> <p>7° se refuser à dénoncer toute infraction prévue par le présent article;</p>
---	--	---

<p>Umunyamahanga urebwa n'ibivugwa muri iyi ngingo ashobora gutegekwa n'Umuyobozi Mukuru kuva mu Rwanda arangije ibihano yahawe.</p>	<p>A foreigner concerned by the provision of this article may be ordered by the Director General to leave Rwanda after serving the sentence imposed on him/ her.</p>	<p>Un étranger concerné par les dispositions du présent article peut recevoir l'injonction du Directeur Général de quitter le Rwanda après avoir purgé sa peine.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 38:</u> Kubeshya kugira ngo ubone icyangombwa giteganywa n'iri tegeko</b></p>	<p><b><u>Article 38:</u> Providing false information to obtain a document provided by this Law</b></p>	<p><b><u>Article 38:</u> Donner une fausse information afin d'obtenir un document prévu par la présente loi.</b></p>
<p>Umuntu wese ubeshya kugira ngo abone cyangwa abonere undi muntu urwandiko rw'inzira cyangwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda aba akoze icyaha gihanishwa igifungo kuva ku myaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10).</p>	<p>Any person, who provides false information to obtain a visa or a travel document or a residence permit for himself/herself or for someone else, commits an offence punishable on conviction for an imprisonment of not less than five (5) years and not more than ten (10) years.</p>	<p>Quiconque donne une fausse information afin d'obtenir un visa, un document de voyage ou un permis de séjour pour lui-même ou pour une autre personne, commet une infraction punissable d'une peine d'emprisonnement de cinq (5) ans à dix (10) ans.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 39:</u> Umunyamahanga wanze kuva mu Rwanda</b></p>	<p><b><u>Article 39:</u> Refusal by a foreigner to leave Rwanda</b></p>	<p><b><u>Article 39:</u> Refus par un étranger de quitter le Rwanda</b></p>
<p>Umunyamahanga wese utegekwa kuva mu Rwanda ntabikore aba akoze icyaha gihanishwa igifungo kuva ku minsi cumi n'itanu (15) kugeza ku mezi atatu (3).</p>	<p>Any foreigner, who is ordered to leave Rwanda and refuses to do so, commits an offence punishable on conviction for an imprisonment of a term not less than fifteen (15) days and not more than three (3) months.</p>	<p>Tout étranger qui refuse de quitter le Rwanda après en avoir reçu l'injonction, commet une infraction punissable d'une peine d'emprisonnement de quinze (15) jours à trois (3) mois.</p>
<p>Umunyamahanga utegetswe kuva mu Rwanda ntabikore, yirukanwa nyuma yo kurangiza ibihano yahawe.</p>	<p>A foreigner who is ordered to leave Rwanda and refuses to do so, shall be deported after serving his or her sentence.</p>	<p>Un étranger ayant reçu l'injonction de quitter le Rwanda et refuse de s'exécuter, est expulsé après avoir purgé sa peine.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 40:</u> Gukoresha ubizi umunyamahanga utemerewe gukora</b></p> <p>Umuntu wese ukoresha umunyamahanga azi cyangwa yagombye kumenya ko binyuranyije n’iri tegeko, aba akoze icyaha gihanishwa igifungo kuva ku minsi irindwi (7) kugera ku mwaka umwe (1).</p> <p>Iyo umukoresha asubiriye icyo cyaha, ahanishwa igihano cy’igifungo kuva ku mezi atatu (3) kugera ku myaka ibiri (2).</p>	<p><b><u>Article 40:</u> Employing a foreigner who is not authorized to work</b></p> <p>Any person who employs a foreigner knowing or having reason to know that it is contrary to this Law, commits an offence punishable on conviction to an imprisonment of not less than seven (7) days and not more than one (1) year.</p> <p>In case of subsequent act the employer shall be sentenced on conviction for an imprisonment of not less than three (3) months and not more than two (2) years.</p>	<p><b><u>Article 40 :</u> Employeur volontairement un étranger non autorisé à travailler</b></p> <p>Quiconque embauche un étranger sachant ou ayant des raisons de savoir que c’est en violation de la présente loi, commet une infraction punissable d’une peine d’emprisonnement de sept (7) jours à un (1) an.</p> <p>En cas de récidive, l’employeur est punissable d’une peine d’emprisonnement de trois (3) mois à deux (2) ans.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 41:</u> Kwigana urupapuro ruvugwa muri iri tegeko</b></p> <p>Umuntu wese wigana icyangombwa kivugwa muri iri tegeko cyangwa ufasha undi muntu kubona urwandiko rw’inzira mu buryo butubahirije amategeko, aba akoze icyaha gihanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugera ku myaka icumi (10).</p>	<p><b><u>Article 41:</u> Forgery of a document referred to in this Law</b></p> <p>Any person who forges any document mentioned in this Law, or who aids another person to obtain a travel document in an illegal manner, commits an offence punishable on conviction to an imprisonment of not less than one (1) year and not more than ten (10) years.</p>	<p><b><u>Article 41 :</u> Contrefaçon d’un document prévu par la présente loi</b></p> <p>Quiconque se rend coupable de contrefaçon d’un document visé par la présente loi ou aide à l’obtention illégale d’un titre de voyage, commet une infraction punissable d’une peine d’emprisonnement d’un an (1) à dix (10) ans.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 42:</u> Umunyamahanga wirukanywe akagaruka atabifitiye uruhushya</b></p> <p>Umunyamahanga wirukanywe mu Rwanda, akinjira mu gihugu kandi impamvu zatumye yirukanwa zigihari, aba akoze icyaha</p>	<p><b><u>Article 42:</u> A deported foreigner who re-enters illegally</b></p> <p>A foreigner who is deported from Rwanda, and re-enters the country when the grounds for deportation are still valid, commits an</p>	<p><b><u>Article 42:</u> Etranger expulsé revenant clandestinement</b></p> <p>Un étranger expulsé du Rwanda et qui y revient alors que les motifs de son expulsion persistent, commet une infraction</p>

<p>gihanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugera ku myaka itatu (3). Uyu munyamahanga yirukanwa nyuma yo kurangiza igihano yahawe.</p>	<p>offence punishable on conviction to an imprisonment of not less than one (1) year and not more than three (3) years. He or she shall be deported after serving the sentence imposed on him/her.</p>	<p>punissable d'une peine d'emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans. Il est réexpulsé après avoir purgé sa peine.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 43</u> : Gukora no gukoresha ibyangombwa bivugwa muri iri tegeko</b></p>	<p><b><u>Article 43</u>: Falsification and using a falsified document mentioned in this Law</b></p>	<p><b><u>Article 43</u> : Falsifier et faire falsifier des documents prévus par la présente loi</b></p>
<p>Ahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000Frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000 Frw), umuntu wese :</p>	<p>Imprisoned on conviction for not less than five (5) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than one hundred thousand (100,000Rwf) and not more than one million (1,000,000Rwf) Rwanda francs shall be imposed on any person who:</p>	<p>Sera puni d'une peine d'emprisonnement de cinq (5) ans à dix (10) ans et d'une amende de cent mille (100.000Frw) à un million (1.000.000Frw) de francs rwandais, quiconque :</p>
<p>1° ku bw'ibinyoma cyangwa uburiganya wihesheje, atabikwiye ibyangombwa bivugwa muri iri tegeko;</p>	<p>1° maliciously or provides false information to obtain a document under this Law without being entitled to it;</p>	<p>1° d'une façon malicieuse ou par une fausse information, obtient des documents prévus par la présente loi sans y être autorisé.</p>
<p>2° wakoze cyangwa wakoresha ibyangombwa bivugwa muri iri tegeko.</p>	<p>2° forges or causes to forge documents under this Law.</p>	<p>2° falsifie ou fait falsifier les documents prévus par la présente loi.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 44</u>: Kwanga gusubiza urwandiko rw'inzira</b></p>	<p><b><u>Article 44</u>: Refusal to return a travel document</b></p>	<p><b><u>Article 44</u> : Refus de remettre un document de voyage</b></p>
<p>Umuntu wanga gusubiza urwandiko rw'inzira Ubuyobozi Bukuru kandi yabitegetswe, aba akoze icyaha gihanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) kugera</p>	<p>Any person, who refuses to obey an order to surrender a travel document to the Directorate General, commits an offence punishable on conviction to an</p>	<p>Quiconque refuse d'obtempérer à l'ordre lui donné de remettre un document de voyage à la Direction Générale, commet une infraction punissable d'une peine</p>

<p>ku mezi atandatu (6).</p> <p><b><u>Ingingo ya 45: Kwangiza urwandiko rw'inzira</u></b></p> <p>Umuntu wangiza urwandiko rw'inzira ku bushake aba akoze icyaha gihanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000 Frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000 Frw).</p> <p><b><u>Ingingo ya 46: Gukoresha urwandiko rw'inzira n'umuntu utari nyirarwo</u></b></p> <p>Umuntu ukoresha urwandiko rw'inzira, viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda by'undi muntu, aba akoze icyaha gihanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) kugera ku mwaka umwe (1).</p> <p><b><u>Ingingo ya 47: Gutanga icyangombwa ku muntu utabyemerewe</u></b></p> <p>Ofisiye wa imigarasiyo utanga abizi cyangwa yagombye kumenya kimwe mu byangombwa bivugwa muri iri tegeko ku muntu utabyemerewe, ahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka itanu (5) kugeza</p>	<p>imprisonment not less than one (1) month and not more than to six (6) months.</p> <p><b><u>Article 45: Damaging a travel document</u></b></p> <p>A person who intentionally damages a travel document, commits an offence punishable on conviction to an imprisonment of not less than three (3) years and not more than five (5) years and a fine of not less than one hundred thousand (100,000Rwf) and not more than one million (1,000,000Rwf) Rwanda francs.</p> <p><b><u>Article 46: Use of a travel document of another person</u></b></p> <p>Any person who uses a travel document, a visa or a residence permit of another person, commits an offence punishable on conviction to an imprisonment of not less than three (3) months and not more than one (1) year.</p> <p><b><u>Article 47: Issuing a document to an unauthorized person</u></b></p> <p>An immigration officer who, knowingly or has reason to know, issues one of the documents mentioned in this Law to a person who is not entitled thereto, shall be sentenced on conviction to an</p>	<p>d'emprisonnement d'un mois (1) à six (6) mois.</p> <p><b><u>Article 45 : Dégradation d'un document de voyage</u></b></p> <p>Quiconque dégrade délibérément un document de voyage, commet une infraction punissable d'une peine d'emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans ou d'une amende de cent mille (100.000Frw) à un million (1.000.000Frw) de francs rwandais.</p> <p><b><u>Article 46 : Utilisation d'un document de voyage d'une autre personne</u></b></p> <p>Quiconque utilise un document de voyage, un visa ou un permis de séjour d'une autre personne, commet une infraction punissable d'une peine d'emprisonnement de trois (3) mois à un an (1).</p> <p><b><u>Article 47 : Délivrance d'un document à une personne non autorisée</u></b></p> <p>Un officier d'immigration qui délivre un des documents prévus par la présente loi à une personne non autorisée tout en le sachant ou en ayant des raisons de le savoir, est punissable d'une peine</p>
---	---	--

<p>ku myaka icumi (10).</p> <p><b><u>Ingingo ya 48: Amakosa akurikiranwa n'Ubuyobozi Bukuru</u></b></p> <p>Umunyamahanga ucyererewe kwishyura viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda cyangwa utubahirije ibijyanye n'iyandikwa, aba akoze ikosa Ubuyobozi buhanisha ihazabu iva ku bihumbi icumi (10.000Frw) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000Frw) by'amafaranga y'u Rwanda.</p> <p>Isosiyete itwara abantu itagaragaje urutonde rw'abantu baje cyangwa bagiye kugenda cyangwa izanye umugenzi udafite uburenganzira bwo kwinjira mu Rwanda, iba ikoze ikosa Ubuyobozi Bukuru buhanisha ihazabu iva ku mafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itandatu (60.000 Frw) kugeza kuri miliyoni esheshatu (6.000.000frw) cyangwa se andi mafaranga y'amahanga angana na yo. Sosiyete yazanye umugenzi utabifitiye uburenganzira, imusubizayo ikanamutunga mu gihe akiri mu Rwanda.</p> <p>Umunyarwanda ukoze ikosa rijyanye n'imikoreshereze y'urwandiko rw'inzira, Ubuyobozi Bukuru bumuhanisha ihazabu iri</p>	<p>imprisonment not less than five (5) years and not more than ten (10) years.</p> <p><b><u>Article 48: Offences which are in the competence of the Directorate General</u></b></p> <p>A foreigner who delays paying residence permit or visa fees or fails to comply with registration requirements commits an offence for which the Directorate General imposes a fine of ten thousand (10,000Rwf) to five hundred thousand (500,000Rwf) Rwanda francs.</p> <p>A transport company of persons which fails to show a list indicating entries or outgoing or which transports a traveller who is not authorized to enter Rwanda, commits an offence for which the Directorate General imposes a fine of sixty thousand (60,000Rwf) to six millions (6,000,000Rwf) Rwanda francs or the equivalent amount in a foreign currency. A company which transports a traveller who is not authorized shall be required to return him/ her and pay for his/her living expenses while he/she is still in Rwanda.</p> <p>Any Rwandan national who commits an offence in relation to the use of a travel document, the Directorate General shall</p>	<p>d'emprisonnement de cinq (5) ans à dix (10) ans.</p> <p><b><u>Article 48: Fautes poursuivies par la Direction Générale</u></b></p> <p>Un étranger qui ne paie pas à temps les frais de permis de séjour ou de visa ou n'est pas en ordre avec la procédure d'enregistrement, commet une faute que la Direction Générale sanctionne par une amende de dix mille (10.000Frw) à cinq cent mille (500.000Frw) francs rwandais.</p> <p>Une société de transport de personnes qui n'exhibe pas le manifeste indiquant la liste des personnes entrant ou sortant ou qui transporte un voyageur qui n'est pas autorisé d'entrer au Rwanda, commet une faute punissable par la Direction Générale d'une amende de soixante (60.000Frw) à six millions (6.000.000Frw) de francs rwandais ou l'équivalent en devise. Une société qui transporte un voyageur qui n'est pas autorisé, est tenue de le retourner à son lieu d'embarquement et de payer ses frais de subsistance pour le temps qu'il reste au Rwanda.</p> <p>Tout rwandais qui commet une faute en rapport avec l'usage d'un document de voyage, est punissable par la Direction</p>
---	--	--



<p>hagati ya mirongo itanu ku ijana (50%) n'ijana ku ijana (100%) by'ikiguzi cy'urwo rwandiko rw'inzira.</p>	<p>impose on him/her a fine of not less than fifty percent (50%) and not more than hundred percent (100%) of the fees of a such travel document.</p>	<p>Générale d'une amende de cinquante pourcent (50%) à cent pourcent (100%) du coût de ce document de voyage.</p>
<p>Iteka rya Minisitiri riteganya uburyo ibivugwa muri iyi ngingo bishyirwa mu bikorwa.</p>	<p>A Ministerial Order shall determine modalities to implement the provisions of this Article.</p>	<p>Un arrêté ministériel détermine les modalités d'application des dispositions du présent article.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 49:</u> Kutubahiriza ibivugwa mu ngingo ya 48 y'iri tegeko</b></p>	<p><b><u>Article 49:</u> Violation of the provisions of Article 48 of this Law</b></p>	<p><b><u>Article 49:</u> Non-respect des dispositions de l'article 48 de la présente loi</b></p>
<p>Umunyamahanga utishyuye ihazabu ivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 48 y'iri tegeko, aba akoze icyaha gihanishwa igifungo kuva ku minsi irindwi (7) kugeza ku mezi atandatu (6).</p>	<p>Any foreigner who fails to pay the fine as stipulated in paragraph 1 of Article 48 of this Law commits an offence and shall be punishable on conviction to an imprisonment of not less than seven (7) days and not more than six (6) months.</p>	<p>Un étranger qui ne paie pas l'amende prévue à l'alinéa premier de l'article 48 de la présente loi, commet une infraction punissable d'une peine d'emprisonnement de sept(7) jours à six(6) mois.</p>
<p>Isosiyete itubahirije ibivugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 48 y'iri tegeko, iba ikoze icyaha gihanishwa guhagarikwa gukorera mu Rwanda by'agateganyo cyangwa gufatira ibikoreho byayo.</p>	<p>Any company which violates the provisions of paragraph 2 of Article 48 of this Law commits an offence punishable on conviction to a temporary suspension to operate in Rwanda or seizure of its property.</p>	<p>Toute société qui est en violation des dispositions de l'alinéa 2 de l'article 48 de la présente loi, commet une infraction punissable d'une suspension temporaire de ses activités au Rwanda ou la saisie de ses biens.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 50:</u> Ibikorwa byakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 50:</u> Activities performed prior to the commencement of this Law</b></p>	<p><b><u>Article 50:</u> Actes antérieurs à l'entrée en vigueur de la présente loi</b></p>
<p>Ibikorwa byakozwe n'Ubuyobozi Bukuru</p>	<p>Activities performed by the Directorate</p>	<p>Les actes posés par la Direction Générale</p>

<p>mbere y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda bigumana agaciro kabyo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 51:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko</b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 52:</u> Ivanwaho ry'amategeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</b></p> <p>Itegeko n° 17/99 ryo kuwa 16/8/1999 ryerekeye abinjira n'abasohoka n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 53:</u> Gutangira gukurikizwa</b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>Kigali, kuwa <b>21/03/2011</b></p>	<p>General before the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda shall remain valid.</p> <p><b><u>Article 51:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 52:</u> Repealing provision</b></p> <p>The Law n° 17/99 of 16/8/1999 relating to Immigration and Emigration and all other prior legal provisions inconsistent with this Law, are hereby repealed.</p> <p><b><u>Article 53:</u> Commencement</b></p> <p>This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p>Kigali, on <b>21/03/2011</b></p>	<p>avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda restent valables.</p> <p><b><u>Article 51 :</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 52 :</u> Disposition abrogatoire</b></p> <p>La Loi n° 17/99 du 16/8/1999 sur l'Immigration et Emigration et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi, sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 53 :</u> Entrée en vigueur</b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p>Kigali, le <b>21/03/2011</b></p>
--	---	--

<p><b>KAGAME Paul</b> Perezida wa Repubulika</p> <p><b>MAKUZA Bernard</b> Minisitiri w'Intebe</p> <p><b>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :</b></p> <p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b> Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p><b>KAGAME Paul</b> President of the Republic</p> <p><b>MAKUZA Bernard</b> Prime Minister</p> <p><b>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</b></p> <p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b> Minister of Justice/ Attorney General</p>	<p><b>KAGAME Paul</b> Président de la République</p> <p><b>MAKUZA Bernard</b> Premier Ministre</p> <p><b>Vu et scellé du Sceau de la République :</b></p> <p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b> Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>
--	---	--